

INYIGISHO YA BURI MUNSI

IGICE CYA 4

Ukwakira - Ugushyingo - Ukubozza

2024

# Inkuru Nziza

BURI MUNSI

**NTA KIGUZI**

KUGURISHWA NTIBYEMWE

IYI NYIGISHO YAMAZE

KWISHYURWA

N'ABAFATANYABIKORWA

KUGIRA NGO ISAKAZWE KU

BUNTU.

Nkuko amazi afutse amerera umutima waka, ni ko n'inkuru nziza zimera zivuye mu gihugu cya kure (**Imigani 25:25**)

*Uebert & BeBe*  
**ANGEL**



## UEBERT & BEBE ANGEL

Hamwe n'imyaka myinshi bamaze mu murimo, Uebert na Bebe Angel ni amajwi ayoboye kandi aganje mu gutangaza Inkuru Nziza y'Ubuntu bw'Imana ndetse n'ubuhanuzi ku isi hose. Bombi ni abanditsi b'ibitabo byakunzwe na benshi aribyo Intambara y'Umwuka, Ubucuti, Banki ' Amasengesho, Imbaraga Zidasanzwe z'Uwizera, n'ibindi. Uebert na Bebe Angel ni abigisha bavuga mu biterane bifuzwa n'isi yose kandi nk'abayobozi ku rwego rw'Isi, bubahirwa iyerekwa ryabo, udushya no gushira amanga. Nk'abashinze Itoreror ry'Ubutumwa Bwiza (Spirit Embassy) bakagira n'umuhamagaro Wa gihanuzi, bahinduye ubuzima bwa miliyoni z'abantu ku isi yose biciye mu rukundo rwabo rwo kuzana ubugingo kuri Kristo binyuze mu iyerekwa ry'Ubutumwa Bwiza bw'ubuntu bw'Imana.

**Itangiriro 30:27**

**Labani aramubwira ati “Icyampa nka-kugiriraho umugisha! Kuko nahanuye yuko ari ku bwawe Uwiteka yamper-eye umugisha.”**

Uwo uhitamwo kwihuza na we ashobora guhuza kugereranywa n’imigisha wakira! Mu cyanditswe cyo hejuru, tubona Labani aganira na Yakobo avugaga ati, “nabonye ibihanywa by’uko Imana yampaye umugisha kubera wowe!” Mu yandi magambo, Labani yavuze ko akesha gukomera kwe ku migisha Imana yashyize mu buzima bwa Yakobo!

Uyu munsi mu Bukristo, benshi ntibabasha kubona akamaro k’abo bahitamwo kwihuza nabo. Bibiliya itubwira ko abakiranutsi bahitamwo inshuti zabo neza; niyo mpamvu ari ingenzi cyane kumenya ko abo mumarana umwan-

ya ari abahuza n’umuhamagaro wawe bwite cyangwa intumbero Imana yashyize mu buzima bwawe.

Iyo ukikijwe n’abantu batagufasha kujya imbere mu rugendo rwawe na Kristo, ingaruka zabyo zishobora kuba mbi cyane. Inshuti zawe n’abo muziranye bafite ubushobozi bwo kuba impamvu ituma uhora mu mihengeri, cyangwa bakaba impamvu yo kuzamuka kwawe kwihuse!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Hari imbaraga mu bo mpitamwo kwihuza nabo! Uhereye uyu munsi, mpisemo kwikuraho ikigare cy’abadayimoni cyashizweho kugira ngo kice umubano wanjye n’Imana binyuze mu bo ngirana umubano nabo. Amen.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Imigani 13:20

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy’uyu munsi: Luka 1, Yohana 1





### Yohana 3:16

**Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.**

Icyanditswe cyo hejuru kiri mu byanditswe bivugwa kenshi mu Bukristo bwose! Ariko, benshi ntibasobanukirwa icyo uyu murongo ukomeye usobanuye. Igihe Umwami Yesu yabwirizaga ubu butumwa, ntiyashakaga gusobanura gusa ubugingo buhoraho bwo kuba ho iteka ryose.

Nubwo iki ari ikintu wahawe nk'umwana w'Imana, amagambo "ubugingo buhoraho," mu gisobanuro cy'imwimerere, ni ijambo 'Zoe', bisobanura ubuzima nk'uko Imana ibufite! Ubugingo buhoraho mu gisobanuro cy'Ima-

na bujyana n'Imbaraga zayo zidashira, Ubuntu bwayo buhoraho, n'ubwenge bwayo budashira. Buir cyose kigendana na kamare yayo y'ubumana gihoraho! Igihe wavukaga ubwa kabiri, ubwo buzima bwashyizwe mu mwuka wawe!

Kristo yaguhaye ubuzima bw'Imana; ibi bivuze ko nk'umwana wayo, waremewe kubaho ubuzima bw'ikirenga buhoraho! Gitsindwa ntibiri mu tunyangingo tukugize; ufite ubushobozi budashira bwo gutsinda no gukora ibirenze muri buri gice cyose muri uyu mwaka w'Amata n'Ubuki!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nahawe ubuzima bw'Imana! Mfite ubushobozi budashira bwo kwakira ibitangaza bitagira umubare mu buzima bwanjye! Mbaho ubuzima bw'ikirenga kandi buhoraho mu Izina rya Yesu!**

### IBINDI BYANDITSWE

Yohana 10:28-30

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 1, Luka 2



**Ibyakozwe N'intumwa 2:38**

Petero arabasubiza ati “Nimwihane, umuntu wese muri mwe abatizwe mu izina rya Yesu Kristo ngo mubone kubabarirwa ibyaha byanyu, kandi namwe muzahabwa iyi mpano y'Umwuka Wera,

Buri mubano wose wubakiye ku biganiro! Ari umubano wawe n'uwo mwashakanye, umubano wawe n'abana bawe cyangwa n'umubano mu bucuruzi, nta mubano uzakomeza kubaho hatabayeho kuganira. Ni ko bimeze nk'umwana w'Imana, ugomba guhuza hamwe ukagirana ubucuti na Mwuka Wera!

Benshi banyura mu bigoye by'iyi si bonyine kuko batazi ko hari Umufasha Uhora witegurirye kugufasha igihe cyose. Umwuka Wera ni Umuntu, bivuze

ko ugomba kumuvugisha nk'umuntu! Mubwire uko umunsi wawe wagenze, ibibazo byaawe, ibyo wagezeho; mubwire buri kimwe cyose! Arahari ngo agufashe.

Umwuka Wera ni impano waherewe ubuntu igihe wakiraga Kristo! Iyo Mwuka Wera ari koko muri wowe, nta zindi mbaraga uzakenera kuko isoko nyakuri y'imbaraga iba iri muri wowe! Umubano mwiza na Mwuka Wera ni ingenzi cyane kugira ngo ubeho ubuzima bwiza nk'Umukristo. Ikindi gihe nubuyuka, uge usuhuza Mwuka Wera!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Umwuka wera nanjye twunze ubumwe mu mubano. Asengana nanjye, kandi mvugana na we buri munsi. Amen**

**IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 8:26

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Matayu 2



**2 Timoteyo 2:3-4**

**Ujye ufatanya nanjye kwihanganira imibabaro, nk'uko bikwiriye umusirikare mwiza wa Kristo Yesu. Nta waba umusirikare kandi ngo yishyire mu by'ubu bugingo, ngo abe akinejeje uwamwandikiye ubusirikare.**

Buri gisirikare kigenera buri musirikare inshingano agomba gukora, zihitamwo byumwihariko n'uwabahamagaye mu mirimo. Niko na Yesu Kristo yaguhamagariye kurwana muri ibi bihe byanyuma. Nubwo benshi batabyitaho, turi mu bihe by'intambara – atari intambara ishingiyeye ku hantu uri, ubukungu, cyangwa imico, ahubwo ni intambara irwanira ubugingo.

Icyanditswe cyo haruguru niyo mabwiriza agenga abari mu mirimo! Kivugaga ko umusirikare mwiza ari umuntu

utushimira imigenzereze y'abasivile! Nk'umusirikare mwiza wa Kristo, ntukifatanye n'ibiri kuba muri iyi si, gumya utumbere umurimo imana yaguhaye!

Nubwo waba uko nk'umubwiriza, ushyigukira umurimo w'Imana mu mafaranga, cyangwa umufasha mu rusengeru rwawe, uri igice cy'ingenzi cyane mu mugambi munini w'Imana. Anga kubaho uyoborwa n'imigendere y'iyi si; ahubwo utumbere amabwiriza yawe yo mu gihe cy'intambara kugira ngo ushimishe uwagutoranyirije umurimo!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nk'umusirikare mwiza w'Umwami Yesu Kristo, nkurikiza amabwiriza ngenderwaho y'umusirikare! Sinyoborwa n'imikore-re y'iyi si; muri ntambara irwanira ubugingo, ndi ku murongo w'imbere! Amen.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 144:1

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 3, Mariko 1, Luka 3



**2 Abakorinto 4:17**

**Nuko rero Umwami ni we Mwuka, kandi aho Umwuka w'Umwami ari ni ho haba umudendezo.**

Mu Bwami bw'Imana, ugaragaza umunezero wa mwuka wera! Ntuzigere wemera umwanya aho ucitse intege; ntibihuye n'ubuzima Imana yageneye abayikurikira. Ariko, -Abakristu benshi bashimira kugira umunezero ugen-dana n'ibyo bari kunyuramo.

Kristo yagukijije kuba imbata y'ama-rangamutima. Rero, ugomba kuba hejuru yibiri kuba ubundi ugahitamo gukoresha umunezero Imana yagu-haye k'ubuntu binyuze muri Kristo Yesu. Kubyaza umusaruro umunezero utang-wa n'Imana bivuze gufata byuzuye ibyo Imana yaguhaye igihe wabaye uwavutse ubwakabiri ukurikira Kristo!

Ihame ry'Ubwami ni uko icyo ureba ari cyo ubona. Iyo urebye n'ama-so yawe ibintu bikaba bitameze nk'uko ushaka ko bimera, zamura kureba kwawe! Reba n'amaso y'umwuka; reba ikibazo cyawe nk'uko Uwakigukijije akibona! Ba hejuru y'ibyo uri kunyuramo uyu muni, maze wakire kamere yo kunezerwa aho kubaho uyuborwa n'amaran-gamutima yawe!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mbyaza umusaruro umunezero utangwa n'Imana! Mba hejuru y'ibigeragezo binzengurutse. Iyo mbonye ibintu ntakunda biri kuba mu buzima bwanjye, mpindura kubiresha amaso yanjye asanzwe ubundi nkakoresha amaso yanjye y'umwuka!**

### IBINDI BYANDITSWE

Yakobo 1:2

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 4, Luka 4-5



**Abakolosayi 3:1**

**Nuko rero niba mwarazuranywe na Kristo, mujye mushaka ibiri hejuru aho Kristo ari, yicaye iburyo bw'Imana.**

Isiganwa ry'amafarashi ni amarushwanwa aho amafarashi asiganwa mu ntera runaka yagenywe. Muri aya masiganwa, ubusanzwe amafarashi yambara umwenda ukingiriza amaso kugira ngo bigabanye ubuso ibasha kubona, bikagabanya ibirangaza bizizengurutse, ubundi zikibanda gusa ku masiganwa yazo! Ni muri ubwo buryo, nk'umwana w'Imana, ugomba kugendana intumbero nk'iy'ifarashi; ukambara udutambaro tugukingiriza amaso tw'umwuka maze uhagarike kubona ibirangaza byose biri hanze kugira ngo wibande ku isiganwa ryawe.

Mu gihe amaso y'ifarashi aba atwikiriye, amatwi yayo aguma afunguye kugira ngo yumve amategeko y'uyiyobora. Nk'umukristu, nawe ukwiye kubasha guhagarika ibirangaza bikuzengurutse ariko kandi ukumva amategeko y'Imana uko wiruka isiganwa ryawe!

Icyanditswe cyo hejuru kitubwira ko nimba waravutse ubwa kabiri, ugomba guhanga amaso ku bintu biri hejuru. Tumbera icyo Imana yaguhamariye kuba muri ibi bihe ubundi urebe ubuzima bwawe burabagirana birenze intekerezo zawe!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mpagarika ibindangaza byose! Ntumbereye gusa ku isiganwa ngomba kwiruka! Nk'ifarashi yaremewe amasiganwa, ndikwihutira kugera k'umurongo usoza! Intsinzi yanjye ntihagarikwa muri uyu mwaka w'Amata n'Ubuki! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Matayo 6:33

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yohana 2-4

**Josuwa 3:5**

**Maze Yosua abwira abantu ati “Mwiyeze kuko ejo Uwiteka azakora ibitangaza muri mwe.”**

Josuwa yari azi neza imbaraga ziri mu kwera – kweza ibitekerezo byawe, ubuzima bwawe, n'inzira zawe! Niba ugiye gukurikiza umugambi w'Imana mu buzima bwawe, ugomba kuba ufite kwera! Abantu benshi biyita abakristo ariko bagakomeza kuba ho ubuzima budahuye n'ubwa Yesu ahubwo buhuye n'ubw'abari mu isi. Kubaho ubuzima nkubu maze ukitega ko ubuzima bwawe buzava mu bwiza bujya mu bundi bwiza ni ubujiji.

Mu cyanditswe cyo hejuru, tubona Yosua avugana n'Abisaraheli, agira ati “Mwiyeze kuko ejo Uwiteka azakora ibitangaza muri mwe.” Tekereza ko icyanditswe cyo hejuru cyari ukwiyeza kw'abantu bayo!

gombwa cyo kugira ngo ibitangaza by'Imana bibeho cyari ukwiyeza kw'abantu bayo!

Birashoboka gucikanwa burundu n'ibitangaza byinshi Imana yiteguye kuguha mu buzima bwawe kubera impamvu yuko utindukanije n'abari mu isi. Fata icyemezo uyu munsu cyo kwitandukanya n'ibigukurura mu isi, kandi uzatangira kubona ibitangaza by'Imana bidasanzwe biba mu mpande zose zikuzengurutse!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Hariho imbaraga zidasanzwe mu kwera! Binyuze mu kwitandukanya kwanjye n'isi ndetse n'ibyifuzo byayo, nakiriye ibitangaza by'Imana mu buzima bwanjye! Ndabizi ko mfite imbaraga mu KWERA!**

**IBINDI BYANDITSWE**

Matayo 5:8

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Matayo 8, Mariko 2

**Abaroma 8:11**

**Ariko niba Umwuka w'Iyazuye Yesu aba muri mwe, Iyazuye Kristo Yesu izazura n'imibiri yanyu ipfa ku bw'Umwuka wayo uba muri mwe.**

Itorero rifite uburyo bwo kwikiza indwara. Igihe wabaye umwana w'Imana, wahawe ubuzima buhoraho, bivuze ko udakeneye gukira indwara! Indwara cyangwa ubumuga ubwo aribwo bwose bugerageza kukwizirika ho bushobora guhita byirukanwa mu gihe ukanguye impano y'Imana iri muri wowe! Bibiliya iravuga ngo niba Umwuka w'Iyazuye Yesu aba muri mwe, Iyazuye Kristo Yesu izazura n'imibiri yanyu ipfa, ku bw'Umwuka wayo uba muri mwe.

Gusa, abakristu benshi uyumunsi baracyatotezwa n'utudwara duto nk'ibicurane cyangwa umutwe. Kubera iki? Bibiliya itubwira ko ubwoko bw'Imana bupfa kubera kutamenya! Rero, iyo abakristu bakomeje kurwara indwara, ni ukuberako batigeze bashora igihe gihagije mu kumenya byuzuye imbaraga bafite.

Nutangira kwiga Ijambo ry'Imana, uzabona ubuzima yageneye abana bayo bose. Anga kuba uboshywe n'iminyuru y'uburwayi cyangwa indwara; ahubwo, wizere ubushobozi Imana yatanze bwo kwivura.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Imana yampaye ibikoresho byose byo kwivura ubwanjye none aha. Mfite uburyo bwo kwikiza indwara muri njye! Sinzongera kurwana na rimwe! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

1 Petero 2:12

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Yohana 5





**Luka 4:4**

**Yesu aramusubiza ati “Handitswe ngo ‘Umuntu ntatungwa n’umutsima gusa, ahubwo atungwa n’amagambo yose ava mu kanwa k’Imana.’ ”**

Icyanditswe cyo hejuru kitwereka igi-subizo cy’Umwami Yesu ku kigeragezo kimwe cya Satani kandi kiduha igitekerezo cyuzuye ku buryo Ijambo ry’Imana rishobora gukoreshwa mu buzima bwacu. Iyo Avuze ko umuntu atazatungwa n’umugati gusa, ahubwo azatungwa n’Ijambo ryose ry’Imana, ntabwo yavugaga logos y’Imana ahubwo yavugaga rhema!

Logos ni Ijambo ry’Imana rikubiyemo ibitekerezo byayo, intego, imigambi, imiterere, na kamere yayo, ariko rhema n’ijambo rivuzwe kandi rikora riva ku Mana rijya k’umuntu runaka kubw’inte-

tego runaka mu gihe runaka! Ijambo rya rhema rifite imbaraga zo kukwubaka mu gihe hari icyo ukeneye; iyi niyo mpamvu ubuhanuzi ari ngombwa cyane. Iyo wakiriye ijambo rivuye ku Mana, riguha umugisha kuko aba ariyo ukeneye muri ako kanya.

Urugero, ushobora kuba uri guhura n’ingorane mu buzima bwawe, hanyuma mu buryo butunguranye, ukakira ijambo rivuye ku Mwami rivuga riti, “Dore ndi kumwe nawe iminsi yose.” Uyu murongo wanditswe mu binyejana byashize, nyamara uhinduka rhema iyo Mwuka Wera awukuzaniye kubyerekeye nibyo uri kunyuramo!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Uko ntekereza ku Ijambo ry’Imana, Umwuka wayo uzanye ijambo rivugwa kandi rikora kuri njye ryerekeye ibyo ndi-kunyuramo! Iryo Jambo riri kubaka ubuzima bwanjye! Amen**

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 Timoteyo 3:16

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Matayo 12, Mariko 3, Luka 6

**Abaheburayo 11:1**

**Kwizera ni ukumenya rwose ibyiringirwa udashidikanya ko bitazaba, kandi ni ko kuduhamiriza ibyo tutareba ko ari iby'ukuri.**

Kwizera, mu rwego rw'ibanze, ni uguhakanya kuri hagati yawe na Satani: ni iki Umwami w'abami akuvugaho n'icyo uri kunyuramo hamwe n'icyo Satani avuga k'ubuzima bwawe! Intsinzi yawe muri izi mpaka ishingira gusa ku bumenyi bwawe bw'Ijambo ry'Imana. Bibiliya ivuga ko kwizera kuzanwa no kumva, no kumva bikazanwa n'Ijambo ry'Imana, bivuze ko kwizera kuzanwa no kumva, kandi kumva kugatangwa no gusoma Ijambo y'Imana! Niba udafite kwizera kubyerekeye ibyo uri kunyuramo byose, Ijambo ry'Imana niwo muti wawe!

Emera ko amagambo ava ku mpapuro maze ubundi akore nk'ingabo ikingira ibinyoma by'umwanzi! Satani navuga ko ufite integer nke, reka igisubiza cyawe kibe, "Uwiteka niwe imbaraga zanjye n'ingabo zanjye, umutima wanjye uramwizera, kandi aramfasha!" Satani navuga ko urwaye, atura uti, "Imana zanjye itanga ibyo nkeneye byose!"

Ijambo ry'Imana rikora nk'urufatiro rwo kwizera kwacu. Iga kurikoresha nk'isoko y'imbaraga mu gihe umwanzi aguteye. Iyo wambaye intwaro y'ibanze yo kwizera, ntukorwaho!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Kwizera kwanjye gutanga ubuzima no kubaho ku bitagaragara biriho! Iyo rikoreshejwe neza, Ijambo ry'Imana rinkingira ibitero by'umwanzi. Nkoresha ibice by'ibanze byo kwizera neza! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 10:17

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 5-7





**2 Petero 1:10**

**Ni cyo gituma bene Data, mukwiriye kurushaho kugira umwete wo gukomeza guhamagarwa no gutoranywa kwanyu, kuko nimukora ibyo ntabwo muzasitara na hato,**

Byagaragaye ko mu marimbi ariho pfundo ry'itege n'inzizi bitagezweho – uburuhukiro bwa nyuma bw'abayobozi batabarika, abaririmbyi, abahanzi, n'abandi bafite impano n'ibitekerezo bitigeze bijya ahagaragara. Mbega ukuri gushariye.

Benshi babayeho badakora umuhagaroro w'Imana ku buzima bwabo uko bikwiye! Ariko, umurongo wo haruguru uvuga ko ugomba kugira umwete kugira ngo uhamye guhamagarwa no gutoranywa kwawe! Ijambo kugira umwete bisobanuye 'guhora ushyira imbaraga mu gusohozza ikintu; gushishoza no guhozaho igihe ukora

ikintu.' Niba koko ukururwa n'umuhamagaroro w'Imana udashidikanywa ku buzima bwawe, uhora ukora kandi ushishoza ngo usohoze umuhamagaroro wawe!

Abakristo benshi bakora ikosa ryo gutekereza ko kuba baravutse ubwa kabiri, bari kubaho umugambi w'Imana ku buzima bwabo. Ibi biri kure cyane y'ukuri! Niba ari uko bimeze, Pawulo ntayari kubwira umukozi w'Imana ukiri muto (Arukipo) ngo agenzure ko yubahirije umuhamagaroro w'Imana! Uyu muni, fata icyemezo cyo gukurikira icyo Imana yagumagariye kuba kandi ugikorane umwete udashaka impamvu zikubuza kubikora!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nkururirwa gukora umurimo! Mbaho ngo nsohoze umuhamagaroro udashidikanwa ku buzima bwanjye! Kubw'imbaraga z'Umwuka Wera, nyoborwa muri buri ntambwe ntera mu gusohozza umurimo w'Imana mu buzima bwanjye!**

### **IBINDI BYANDITSE**

Abakolosayi 4:17

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 9, Luka 7



**Abafilipi 4:6**

**Ntimukagire icyo mwiganyira, ahubwo ibyo mushaka byose bimenywe n'Imana mubisabiye, mubyingingiye, mushima.**

Yesu yatwijeje ko dufite intsizi hejuru y'ibyo tunyuramo byose n'ibigoye byose! Ubwoba, amakuba no guhangayika ntibifite umwanya mu buzima bwawe bw'Ubukristo! Bibiliya itubwira ko Imana itaduhaye umwuka w'ubwoba ahubwo yaduhaye uw'imbaraga, n'urukundo n'ubwenge! Ibi bivuze ko ubwoba ari impano; utanga iyo mpano akaba ari satani ubwe!

Ntukemerere imvugo nka "mfite ubwoba" kwinjira mu mivugire yawe, kuko bitava ku Mana ahubwo biva kuri satani! Nk'umwana w'Imana, icyizere cyawe kigomba kuva mu bumenyi bw'Utuye

muri wowe.

Niwumva uhangayitse cyangwa ufite ubwoba, ujye wibuka amagambo y'Intumwa Yohana, "Bana bato, muri ab'Imana kandi ba bandi mwarabanesheje!" kuko buri rugamba uzahura narwo, Imana yaguhaye ibikoresho n'ibikenewe byose ngo urutsinde! Anga ubwoba, guhangayika, n'ibigutesha umutwe maze ugire ukwizera mu Mana ya maze gutsinda urugamba ku bwawe!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi uw'Imana; simpangayikira Ikintu na kimwe! Mu Mwami niho kwizera kwanjye kubonerwa. Umwanzi wese wizera ko yandwanya akantsinda ararwana urugamba rwo gutsindwal Amen.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

1 Yohana 4:4

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 11



**Yohana 14:13**

**Kandi icyo muzasaba cyose mu izina ryanjye, nzagikorera kugira ngo Data yubahirizwe mu Mwana we.**

Nta kintu na kimwe gihari wasaba Imana itaguha! Icyo Imana yifuza n'icyo igushakira ni uko utsinda mu buzima bwawe; ariko kuko gusa Imana ishaka ko utunga ntibivuze ko wari waba umutunguzi! Ugomba gukoresha iryo Jambo kugira ngo ubushake bw'Imana bube mu buzima bwawe!

Mu murongo wo haruguru, Umwami Yesu avuga ngo nimusaba mu izina rye, icyo kintu azagikora. Ijambo 'icyo' risobanuye ko ugomba gusaba icyo ushaka uko kiri. Kukivuga uko ugishaka bibyara umusaruro wifuza! Bibiliya ihamya ibyo mu gitabo cya Matayo ivuga ngo, bwira uyu umusozi uti 'va hano'...

ibyo bintu wavuze bizabaho. Ijambo 'uyu' ritubwira ko tugomba no kurasa ku ntego iyo duteguka nabwo!

Wizere mu mbaraga z'ukuri Imana yashyize muri wowe! Ntugashyirireho Imana umupaka usaba ibintu wowe utekereza ko yashobora kuguha; ahubwo, jya usaba birenze ibyo ushobora gutekereza maze urebe Imana ibigukorera igendeye ku kigero cy'ukwizera kwawe!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Iyo nsabye mu izina rya Yesu, mvuga neza ibyo nshaka! Nzi ko Imana ifite imbaraga zo kumpa ibyo nkeneye byose, kandi birenze inzozu zanjye! Amen.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Matayo 17:20

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Luka 11



**1 Abatesalonike 5:16-18**

**Mwishime iteka, musenge ubudasiba, mu bibaho byose muhore mushima, kuko ari byo Imana ibashakaho muri Kristo Yesu.**

Isengesho ni iryo kukurema. Kudasenga ni nko kwinjira mu rugamba ahakomeye maze ugashaka kurasa umwanzi nta masasu ufite! Iyo ufite intwaro y'ubuzima bwo gusenga bukomeye, uba uri kwitegura ibitero bya satani!

Muri Bibiliya, tubonamo ingero nyinshi zerekana umumaro w'amasengesho; rumwe rwerekanywe n'Umwami Yesu ubwe! Mu nyandiko z'ingirakuru nziya ya Yesu, tumubona mu masengesho mbere na nyuma yuko akora ibitangaza bikomeye, birimo igitangaza gikuru cy'ibihe byose, ari cyo gupfira ibyaha byacu ku musaraba, gukuraho amakosa yacu yose no gutsinda urupfu!

Nubwo ibi byabaye ariko, mu itorero uyu muni, bamwe bamaze kumenyera ubuzima bwo gusenga budashyitse nk'uko henshi babwigisha, harimo nko gusenga gusa mbere yo gufata amafunguro cyangwa ugiye kuryama, maze bakitega kubona ibisubizo nk'iby'abagabo n'abagore b'Imana bo mu gihe cy'a kera.

Abantu nk'intumwa Pawulo bavuga ko bafite ubuzima bwo gusenga bukomeye, nk'uko bigaragara abibwira Abakorinto, "Nshimira Imana yuko mwese mbarusha kuvuga indimi zitamenyekana!" Iyo usobanukiwe imbaraga z'isengesho, ntushobora guhagarikwa!\

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi kurasa umwanzi binyuze mu mbaraga z'amasengesho yanjye! Uko nganiriye na Data, mpabwa imbaraga! Amen.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

1 Abakorinto 14:18

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 13, Luka 8





**Zaburi 119:105**

**Ijambo ryawe ni itabaza ry'ibirenge byanjye, Ni umucyo umurikira inzira yanjye.**

Nk'umukristo, niba uba mu mwijima ukibwira ko uri kuba mu mucyo uri ahantu habi cyane! Isi ishyigikira imvugo nka 'kora ibyo ushaka' cyangwa 'ntugahindukire umuntu n'umwe' cyangwa 'ba uw'ukuri kuri wowe,' ariko Ijambo ry'Imana ritubwira guharanira gutungana nk'uko Kristo atunganye!

Impamvu ukibuzwa amahoro n'imyuka y'umwiji nk'umwana w'Imana iroroshye: Bibiliya ivuga ko kwinjira kw'Ijambo ryayo kuzana umucyo, bisobanuye ko iyo udahora usoma ibyanditswe uba uri kwemerera umwiji kwinjira mu buzima bwawe!

Mu murongo wo haruguru, Ijambo ry'Imana risobanurwa nk'itabaza ry'ibirenge byacu. Ibi bivuze ko iyo uhuye n'ibibazo, bigasa nkaho umwiji ukugose, ushobora gukoresha Ijambo rikakuyobora muri ibyo biruhije uri kunyuramo nk'umucyo wirukana umwiji mu mpande zawe! Ukoresha Ijambo ry'Imana nk'umucyo urwanya ibitero byose bw'imyuka y'umwiji uyu muni.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nzi uko mpangana n'umwuka wose w'umwiji. Ijambo ry'Imana ni itabaza rimurikira ibirenge byanjye rinyobora mu byo nkora byose. Umucyo w'Ijambo uri muri nje waka nk'amatara amurika cyane, yirukana umwiji wose unkikije! Amen.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

1 Yohana 1:7

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Mariko 4-5



**Itangiriro 13:14-15**

Loti amaze gutandukana na Aburamu, Uwiteka abwira Aburamu ati “Rambura amaso urebe, uhere aho uri hano, ikasikazi n'ikusi, n'iburasirazuba n'iburengerazuba. Igihugu cyose ubonye ni wowe nzagihaha n'urubyarwawe iteka ryose.

Rimwe na rimwe, unanirwa kumva ijwi ry'Imana kuko utajya uba wenyine! Muri ibi bihe, hari ibirangaza byinshi byaremewe gukura ugutwi kwawe ku magambo ya Data!

Umurongo wo hejuru utwigisha ko mbere y'ihishurirwa haza kwiherera wenyine! Ntibitangaje uburyo (Aburahamu) atashoboye kwakira ihishurirwa riva ku Mana kugeza igihe yari wenyine yihereye byuzuye! Ushobora kwisanga kenshi ugerageza kunyura mu bihe uri wenyine cyangwa nta bandi muri kumwe, utabasha kubona ko uri ahantu heza ho kwakira amabwiriza aguha icyerekezo

ava kuri Kristo kandi bigakangura ibiganiro byawe n'Imana!

Bibiliya itwerekako ko n'Umwami wacu Yesu Kristo yafata umwanya wenyine kugira ngo asabane na Data. Matayo avugako Yesu yavaga mu bantu benshi akazamuka umusozi kugira ngo agire umwanya utuje yihereye hamwe na Data. Nka we, nawe ugomba gushyiraho ibihe wageneye guhagarike urusaku ubundi ukita ku magambo y'Imana!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

Mpa agaciro akamaro ko kwiherera wenyine. Nsobanukiwe ko mbere y'ihishurirwa habanza kwiherera. Ndatwaga ko mu mwanya wanjye wo kwiherera, mpagaze neza mu mwanya wo kumva ijwi Rye neza kandi niteguye kwakira ihishurirwa ryanteguriwe! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Matayo 14:23

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 10



**1 Yohana 3:1**

**Nimurebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwa abana b'Imana kandi ni ko turi. Ni cyo gituma ab'isi batatumenye kuko batayimenye.**

Bibiliya itwerekako ko urukundo rudatanga gusa ahubwo ko rufite n'ubushobozi bwo kwakira! Ukuri kw'urukundo rw'Imana kudahinduka nuko yaguhaye, Umwana wayo, yaguhaye byose! Bibiliya itubwira ko umusatsi wose uri ku mutwe wacu ubazwe neza n'Imana, byerekana agaciro yashyize ku buzima bwacu!

Twasendejweho urukundo rw'Imana! Ijambo 'gusendereza' risobanura guhabwa byinshi cyane cyangwa bigasanzwe. Twahawe urukundo rurenze! Umubiri w'urukundo utuye muri wowe,

kandi waremanywe ubushobozi karemano bwo kwakira no gutanga urukundo. Iyi niyo mpamvu ari ngombwa ko werekana urukundo rw'Imana ruri muri wowe mu buzima bwawe!

Nugendera mu gusobanukirwa uwo uri we n'ugufite muri Kristo, nta mwanya wo gutsindwa uzaba mu buzima bwawe! Tangira kubaho mu mitekerereze yuko udahabwa agaciro n'Imana gusa ahubwo ko ukundwa nayo cyane!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ukuri kw'urukundo rw'Imana rudahinduka kugaragara mu binu byose Yankoreye nibyo Izankorera muri yuyu mwaka w'Amata n'Ubukiri Amen.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 17:18

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 14, Mariko 6, Luka 9





**Yakobo 2:26**

**Nuko rero nk'uko umubiri udafite umwuka uba upfuye, ni ko no kwizera kudafite imirimo kumeze, kuba gupfuye.**

Mu itorero uyu muni, hari icyorezo gikwirakwiye cyabadashyira Ijambo ry'Imana mu bikorwa! Nubwo gufata mu mutwe ibyanditswe cyangwa gusenga amasaha menshi ari ngombwa, gushyira mu bikorwa Ijambo ry'Imana mu biganiri no mu myitwarire ni ingenzi kugira ngo ubeho ubuzima ukurikije uko Imana yagennye. Bibiliya ntabwo ari ishingiro ry'imyitwarire myiza n'ubuzima bwo gukiranuka gusa ahubwo ni igitabo cy'amabwiriza buri Mukristo agomba kubahiriza.

Mu murongo wo hejuru, Intumwa Yakobo ivuga ikintu gikomeye cyane: kwizera kutagira imirimo kuba gupfuye! Abakristo benshi bibaza impamvu babaho ubuzima budafite uburyohe cyangwa umunezero, nyamara batajya basiba amateraniri ku cyumweru, basenga amanywa n'ijoro, kandi bahora bitabira gahunda z'itorero.

Igisobanuro cyabyo kiroroshye. Ikigeragezo cyose uhura nacyo nk'umwana w'Imana gishingiye kuko ukoresha Ijambo ry'Imana cyangwa utarikorresha! Imana ntiyaduhaye ubushobozi bwo kwibuka Ijambo ryayo ryera gusa, ahubwo ni imbaraga zo kurishyira mu bikorwa! Bigire itegeko gushyira mu bikorwa Ijambo ry'Imana mu bice byose by'uyu muni wawe!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi gushyira Ijambo ry'Imana mu bikorwa mu bice byose by'ubuzima bwanjye! Ntabwo ndi umukristo gusa kubera ubumenyi nakusanyije ahubwo ni kubw'imbaraga nerekanye! Muri uyu mwaka, nzatanga umusaruro!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Habakuki 2:4

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yohana 6

**Abefeso 4:32**

**Mugirirane neza, mugirirane imbabazi, mubabarirane ibyaha nk'uko Imana yabababariye muri Kristo.**

Nk'abahungu n'abakobwa ba Kristo wazutse, twababariwe by'iteka ryose ibyaha byacu byose! Ariko, abakristo benshi baracyatekereza ko kubabarirwa ari ikintu cyo gukorera aho guhabwa ku buntu! Bibiliya itubwira ko wejejejwe ibyaha byose igihe wakiriye Kristo nk'Umwami n'Umukiza wawe. Rero, mu kwanga kubabarira, uba uri kubaho ubuzima bunyuranye nibyo Imana ivuga ko ubuzima bwa gikristo bugomba kumera no kwemerera uburakari kukugira imbata.

Muri Bibiliya, tubona ingero nyinshi aho twerekwa imbaraga zo kubabarira. Urugero rumwe ni Umwami Yesu Kristo,

we, mu gihe cyo gutotezwa no kubabazwa, yitegereje abashakaga kumugirira nabi akabasengera, ati: "Data, ubababarire!" Muri ubwo buryo nk'abana Be, natwe tugomba kubikora: tubabarira abaturwan-ya kandi tunabasengera.

Umurongo wo hejuru utubwira kubabarira byoroshye kandi tudasigara-nye inzika, nkuko Imana yabidukoreye! Uyu muni, niba ufiteye uburakari umuntu, erekana Urukundo rw'Imana muri wowe umubabarira!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ntabwo nzemera ko uburakari cyangwa inzika bimfata! Nkuko Kristo yababariye, nanjye nzabigirira abandi. Nakiriye imbabazi ku buntu kandi nzitanga ku buntu! Amen.**

### IBINDI BYANDITWE

Abakolosayi 3:13

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 15, Mariko 7

**Ezayi 54:14**

**Uzakomezwa no gukiranuka, agahato kazakuba kure kuko utazatinya, uzaba kure y'ibiteye ubwoba kuko bitazakwegera.**

Ibihe by'imivurungano biza kugerageza amahoro atangwa n'Imana n'umutuzo! Uko isi yegera impera zayo, Satani ari kugerageza guhungabanya umunezero n'amahoro byahawe buri mwana w'Imana. Wirengagije ibitero bye, ugomba gukomeza gukomera no guhagarara mu gukiranuka.

Mu gihe amahoro mu isi ahoruka kandi adashikamye, Umwami Yesu Kristo atanga amahoro atanyeganyega mu bihe by'imivurungano ikomeye n'ibyago. Ijambo ry'Imana rirasobanutse: nta ntwaro n'imwe yigeze ikorwa ishobora kukwica! Iyo umaze kumenya

neza uwo ndetse nicyo Imana yaguhamagariye kuba muri ubu buzima, umugambi wose w'umwanzi wo guhungabanya amahoro yawe uzagwa hafi.

Iga kwiringira Uwituka, kuko yamaze gutsinda urugamba ku bwawe! Anga kwemerera guhangayika, ubwoba, umunaniro, cyangwa gushidikanya ko bihungabanya umutuzo wahawe n'Imana! Urufatiro rwawe ni Umwami Yesu Kristo; ntunyeganyezwa!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ntabwo nyeganyenyega iyo imivurungano ije kuko urufatiro rwanjye ari Umwami Yesu Kristo. Muri uyu mwaka w'Amata n'Ubuki, haza imvura cyangwa umucyo, nzahagarara mu mahoro y'Umwami w'abami! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Yohana 14:27

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 16, Mariko 8





**2 Abakorinto 4:16**

**Ni cyo gituma tudacogora, kandi nubwo umuntu wacu w'inyuma asaza, umuntu wacu w'imbere ahora ahinduka mushya uko bukeye,**

Mu kirere cy'umwuka, uko ugenda ukura mu bigaragara, niko umwuka wawe ugenda uba muto mu myaka! Ndetse nuko imibiri yacu y'inyuma igenda isaza, umwuka wacu wo ugana mu busore! Niyo mpamvu kwiyiriza ari tekinike mu mwuka. Iyo wiyirije, uba uri gutoza umubiri wawe, uwuca intege mu bigaragara ariko wongerera imbaraga umwuka uri mo imbere!

Umwarimu ukomeye cyane yakoze ubushakashatsi ashaka ikintu cyatuma abantu badasaza. Muri ubwo bushakashatsi, yabonye ko utunyangingo twose dutuma uhora uri muto tuba

duhari ari tudakora! Nyuma y'igerageza, yabonye ko utu tunyangingo dusinziriye dushobora gukangurwa gusa mu gihe ukora ibiruhije - atari ibiruhije biguhangayikishije cyangwa bikunaniza mu mutwe ahubwo ni ibyo gutoza umubiri wawe uwukoresha ibyo wibwira ko utabasha gukora!

Muri Bibiliya, tubona abantu, nka Mose, bageze ku kigero aho ubusore bwabo bwo mu mwuka bwageze no ku mubiri inyuma! No mu gihe yari akuze cyane, kureba kwa Mose kwari gutyaye nk'ukw'umusore muto. Nk'umukristo, koresha intwari nko kwiyiriza kugira ngo uzamure umwuka wawe! Nukoresha izi tekinoloji twahawe n'Imana, ibintu nk'indwara n'umunaniro bizaguhunga!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Umwuka wanjye ni muto kandi ufite imbaraga! Uko mbabaza umubiri wanjye w'inyuma, ntera umwuka wanjye imbaraga mo imbere!**

### **IBINDI BYANDITSE**

Gutegeka kwa kabiri 34:7

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 17, Mariko 9



**Zaburi 50:10**

**Kuko inyamaswa zose zo mu ishyamba ari izanjye, N'inka z'ibirarashyamba zo ku misozi igihumbi.**

Umwami Yesu Kristo niwe muntu ukomeye cyane wageze muri iyi isi! Yaduhaye ibiterekezo n'imitekerereze ikwiye yo kurema impinduka nziza mu isi nk'uko na we yabikoze. Adufasha kumenya uko dutsinda, uko tuba abatware mu byo turi kunyuramo byose, nuko twaca mu bidukikije twahawe ubutware!

Anga kwibona nk'ikindi kintu kitari ukuba ukomeye. Tangira wange ubuzima busanzwe kuko mu byo uri byose ntabwo uri usanzwe. Imana yakomeye kuba umutsinzi; kubura no gukena ntibiri mu tunyangingotukugize.

Bibiliya itubwira ko Data atunze inka ziri ku misozi igihumbi! Ese urumva akennye? Oya rwose! Nkuko So akize, ibyo atunze byose yabihaye abamukurikira. Tutitaye ku kuba konti yawe iri mu mutuku cyangwa nyirinzu ari ku muryango w'inzu yawe; atura kuri icyo kibazo. Uri umukire muri Kristo; urimo uravumbura ubutunzi bwawe!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ubukene ni umuvumo. Ndabwanze none aha! Nkorera Imana itagize na kimwe ibuze; Imana yampaye imitekerereze igamije intsinzi. Sinzatsindwa kuko ntari ugutsindwa. Ubukene si umugabane wanjye! Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

2 Yohana 1:2

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 18



**1 Ibyo Ku Ngoma 22:5**

**Dawidi aravuga ati “Umuhungu wanjye Salomo aracyari muto ntarakomera, kandi inzu igiye kũbakirwa Uwiteka ikwiriye kuba iy’icyubahiro cyinshi, ikamamara igahimbazwa mu bihugu byose. Ni cyo gituma nkwiriye kuyitegurira.” Nuko Dawidi yitegura byinshi cyane ataratanga.**

Hari imvugo njya nkunda kubwira abanyumva ngo, “amahirwe ahura n’imyiteguro.” Mbega imvugo y’ukuri! Nk’umukristo, ni ngombwa kwitegurira imigisha y’imana mu buzima bwawe! Mu isi, amagambo nko ‘izere ko ibyiza bizaba, maze witegure ibibi’ na ‘uteganyirize ikiza kiba cyavuka’ zaramamaye cyane; ari bene izi mvugo ntizikwiye kuvugwa n’umwana w’Imana!

Mu gihe cy’amapfa, abagize imyiteguro ihagije yo kubiba mu bihe by’imvura ni bo baba bafite ibigega byuzuye imyaka mu gihe cy’amapfa. N’umwami Yesu Kristo aya kuza mu isi yabanje kugira integuza zamuteguriraga kuza kwe kugira umuri-mo we uzagire impinduka ku kigero cyo hejuru.

Witeguye, ntacyo Imana yaguhamagaraye gusohozza cyapfa! Tangira witegurire urwo rushako, uwo mirimo w’Imana, ubwo bucuruzi ushaka gutangira, n’ibindi. Akira ubuntu bwo kumenya neza uko witegurira umwuzuro muri uyu mwaka w’Amata n’Ubuki!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mpora niteguye ibyiza! Uyu mwaka, ibyo niteguriye byose bizatangira umusaruro, mu izina rya Yesu! Amen.**

### **IBINDI BYANDITSE**

Imigani 24:27

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni; Yohana 7-8



**Yosuwa 23:14**

“Dore ubu ngiye kugenda nk’uko abandi bose bagenda, kandi muzi neza mu mitima yanyu yose no mu bugingo bwanyu bwose, yuko nta kintu na kimwe cyabuze mu byiza byose Uwiteka Imana yanyu yabasezeranyije, byose byabasohoyeho nta kintu na kimwe muri ibyo cyabuze.

Ibintu byose Imana yasezeranyije abayikurikira byamaze gusohora! Ariko, abakristu benshi baracyarwaye, barakennye, kandi bahura n’ibibazo mu buzima bwabo. Kubera iki? Kubera ko benshi bataragenda mu kuri kw’Ijambo ry’Imana.

Nk’abakristo, ni inshingano zacu kubaho mu mazerano y’Imana. Iyo twanze gushyira mu bikworwa no kubaha Ijambo ry’Imana, Bibiliya ihinduka inyuguti

gusa ziri ku mpapuro!

Tugomba kwiga kwizera amasezerano y’Imana yaduhaye mu Ijambo ryayo akora kuri buri gice cy’ubuzima bwacu. icyanditswe cyo cyitwiz-eza ko nta sezerano na rimwe ry’Imana rizabura gusohora. Iyo ugen-dera muri uku kuri, guhangayika kose nti kwakugeraho! Ibintu nk’ubu-tunzi, amagara mazima, n’iterambere si amasezerano gusa ahubwo ni amasezerano yarangije gusohora! Gendera mu myumvire yuko ibintu byose wabihawe!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Buri sezerano ryose riva ku Mana ryarangije gusohora mu buzima bwanjye! Uyu muni ndagenda mu kuri ko amasezerano y’Imana yose ari ayanjye, kandi nakiriye imigisha muri buri gice cy’ubuzima bwanjye!**

### IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 1:20

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Yohana 9-10

**Zaburi 30:11-12**

**Uwiteka nyumva umbabarire, Uwiteka mbera umutabazi.” Uhinduye umuborogo wanjye imbyino, Unkenyuruye ibigunira byanjye, unkenyeza ibyishimo**

Hari uguhimbaza kugira imbaraga zizana ibisubizo! Ibibazo byinshi Abakristo bahura nabyo bishobora gukemurwa n'imbaraga zo guhimbaza no kwishima. Bibiliya itubwira ko Imana ituye mu mashimwe y'abantu bayo, bivuzeko aho uguhimbaza kwera, Imana niho iba iri nayo. Nk'umwana w'Imana, ni ngombwa ko uramya gusa mu kwishima ahubwo ko uramywa mu kuri no mu mwuka!

Ijambo 'kuzana' bivuze kuba impamvu cyangwa gutera ikintu kuba.

Ibyanditswe bitwerekana ingero nyinshi aho imbaraga z'Imana zakoreshejwe zinyuze mu guhimbaza kuzana ibisubizo. Urugero rumwe ni igihe Pawulo na Sila bari mu nzu y'imbohe. Hagati muri gereza bari baziko imbaraga ziva mu guhimbaza zikazana ibisubizo zihari. Uko baririmbaga indirimbo zihimbaza Umwami, imfatiro za gereza zaryeganyeze, kandi babohorwa iminyururu. Muri ubwo buryo, Imana iba ihari iyo uri kuramya, yiteguye guca iminyururu iziritse ubuzima bwawe. Koresha imbaraga zo guhimbaza kuzana ibisubizo uyu munsu!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Imana ituye mu mashimwe yanjye! Nsobanukiwe imbaraga zo guhimbaza no bihe biruhije. Muri uyu mwaka, nzishima kurusha mbere! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 22:3

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Luka 10

**Itangiriro 1:28**

Imana ibaha umugisha, Imana irababwira iti "Mwororoke mugwire, mwuzure isi, mwimenyereze ibiyirimo, mutware amafi yo mu nyanja, n'inanyi n'ibisiga byo mu kirere, n'ibintu byose bifite ubugingo byigenza ku isi."

Byara umusaruro kandi uwongere! Mugihe abantu benshi bashobora kumenya iki cyanditswe mu busobanuro bwerekeza kuri Adamu na Eva, iki gice gishobora gukoreshwa mu bice byose by'ubuzima bw'umukristo! Imana yamaze kuduha itegeko ryo kubaho ubuzima butanga umusaruro kandi bw'umwuzuro.

Nubwo ibi aribyo Imana yifuriza abana bayo, Abakristo benshi ntibari kubaho ubuzima bw'umwuzuro kuko batariga ibanga rigeza k'ubutunzi. Ibanga rigeza

za k'ubutunzi nuko Imana yamaze kuguha ibintu byose bigendanye n'ubugingo n'ubumana, harimo n'ubutunzi!

Bibiliya ivuga ko wahawe ubutware hejuru y'ibinyabuzima byose biri kuri iyi si! Ibi bivuze ko ntamuntu ufite imbaraga zo guhungabanya ibyo Imana yamaze kugushyiriraho. Baho ufite rasoro mu birenge byawe uzi ko ufite ibitekerezo bya Kristo kandi nta bucuruzi cyangwa undi murimo bidashoboka ko ubiganza. Imana yaguhaye ibanga rigeza k'ubutunzi!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mfite ibanga rigeza ku butunzi! Imana yatanze ibintu byose ku bayizera! Sinzagira icyo mbura mu zina rya Yesu. Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

2 Petero 1:3

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Luka 12-13





**1 Abakorinto 14:10**

**Indimi zo mu isi nubwo ari nyinshi zite nta rudafite uko rusobanurwa.**

Amagambo uvuga ashobora kubaka cyangwa gusenya ejo hazaza hawe! Bibiliya itubwira ko nta jambo na rimwe ridafite icyo risobanura, nyamara abakristo benshi bashobora gusangwa bavugaga ibintu batazi ko biri kubangiza!

Mu isi y'umwuka, tutitaye kucyo wari ugamiye cyangwa uko ubivuze, ijamba ryose uvugaga rifite ubusobanuro bwaryo. Amagambo arakomeye cyane ku buryo agakiza kawe gahamywa gusa iyo watuye n'umunwa wawe! Iyo uri guhura n'ibibazo byinshi mu buzima bwawe, ibaze uti, "Ese ni ayahe magambo ndi kuvuga?"

Benshi batekerezako interuro nka "ibirenge byanjye biri kumbabaza cyane" cyangwa "tukivugaga sekibi no araje" babisanisha n'umwana wabo winjiye mu cyumba barimo bamuvugaga, batekereza ko ntacyo bitwaye muri uwo mwanya! Ntuzatungurwe niwisanga ufite ububabare bukabije bw'ikirenge cyangwa igihe umwana wawe aguteje ibibazo no akabiteza no mu ishuri kubera ko ayo ni amagambo warekuye mu isi y'umwuka! Iga gushyira urugero ku magambo yawe; urekure gusa ibintu bihuye n'ijamba ry'Imana ry'ukuri.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nitondera ibyo mvuga! Nsobanukiwe akamaro k'amagambo mvuga. Nzashora gusa amagambo azamura aho gusenya. Nashyize urugero kubyo mvuga! Amen.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Imigani 16:24

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Luka 14-15



**Luka 15:7**

**Ndababwira yuko mu ijuru bazishimira batyo umunyabyaha umwe wihannye, kumurutisha abakiranuka mirongo urwenda n'icyenda badakwiriye kwihana.**

Uhereye ku ba bashumba bakuru ukageza kubagize itorero bashya, wahamagariwe kuzana ubugingo kuri Kristo! Muri ibi bihe byanyuma, hari n'ibirangaza byose byashyizweho na satani kugira ngo abuze abana b'Imana kuva mu byaha bagasubira mu maboko ya Data, gufasha abataramwemere mu bihe bya mbere, bakongera kumugarukira nibyo biri ku mutima w'Imana. Bibiliya itubwira ko ibisururwa byiteguye; ubu biragusaba gusohoka UGATSINDA!

Biba bitangaje iyo abantu bavuga ko batazi icyo Imana yabahamagariye kuba. Bibiliya irasobanutse neza: waba

uri umukire cyangwa umukene, umubwiriza cyangwa umukozi urinda ikigo cy'amashuri, wahamagariwe gutsinda ubugingo kuri Kristo.

Aho uri hose, ni umwanya wo kuzaniramo ubugingo kuri Kristo. Ntukunde ngo wihererane Ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo; Igisha abantu bose ibyerekeye ubumana bw'Umwami w'abami ubundi wirebere ibitangaza bye biba mu buzima bwawe!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mu gihe nita ku murimo w'Imana, Iri kwita ku byanjye! Ibisarurwa byiteguye guha ubugingo Kristo, kandi ndi umukozi muri uwo murima. Nzazana ubugingo bwinshi kuri Kristo uyu mwaka kurusha uko nigeze kubikora, mu Izina rikomeye rya Yesu! Amen.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 1:16

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Luka 16-17



**Abaroma 12:2**

**Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.**

Ubwami bwo mw'ijuru bugereranywa n'umuntu wabibye imbuto nziza, ariko mu gihe abantu bose bari basinziriye, umwanzi araza abiba urukungu mu bihingwa by'uwo muntu. Uyu mugani ukoresha ibi ibigereranyo kuko abakristo benshi barasinzira mu gihe umurimo w'Imana utararangira!

Niba ushaka guhaguruka nk'umukapiteni w'urubyaro, ntushobora kwemerera ibirangaza na bimwe ngo bikure ibitekerezo byawe ku Mana. Kapiteni nyawe yumva akamaro ko gukomera mu gihe cy'umuyaga uhuha hamwe

n'imihengeri isenya!

Kapiteni w'urubyaro ntatinya cyangwa ngo ave mu bwato; abugumamo kugeza ubutumwa bwabo bari kumwe burangiye. Muri ubwo buryo, nk'umwana w'Imana, anga kwemerera imbaraga ziri hanze ko zitambika mu nzira y'umuhamagararo wawe zigatuma uva mu bwato bwawe mbere yuko ugera aho ujya. Anga kumvira ijwi rya satani. Ahubwo, wemerera Ijambo ry'Imana kukubera icyerekezo n'imbaraga zigutwara mu bice byose by'ubuzima bwawe!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi umukapiteni w'urubyaro! Sinzasinzira mu kazi. Nanze kwemera ko umwanzi andangaza mu byo Imana yampamagariye kuba. Amen.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 Abakorinto 6:14

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yohana 11



**Matayo 19:26**

**Yesu arabitegereza arababwira ati "Ibyo ntibishobokera abantu, ariko ku Mana byose birashoboka."**

Ntakintu kidashoboka kubari mu Uwitwika! Ntugahindukirire iburyo cyangwa ibumoso; shyira amaso yawe k'Uwitwika gusa! Nubwo yaba utekereza ko ufite infeger nke, Imana yashyize imbaraga muri wowe zo kuba hejuru y'ibyo unyuramo!

Ntuzigere wiyemerera gushyira umupaka ku bushobozi bw'Imana mu buzima bwawe. Uko ikibazo cyaba kinini kose kandi gikomeye, ukorera Imana irenze kuba nini! Iyo uzi imbaraga yaguhaye, nta ntwaro yakomera kuburyo yabasha kukugirira nabi; yaba amafaranga cyangwa indwara, Imana yaguhaye intsinzi kuri byose!

Muri Bibiliya, tubona abantu nka Petero, wari usanzwe yitwa Simoni bisobanuye agati kanyeganyezwa mu muyaga. Ariko igihe Umwuka Wera yatangiraga umurimo we mu buzima bwa Simoni, yabaye Petero, urutare!

Utitaye kuko ibintu bidahagaze neza mu buzima bwawe, Imana ifite ubushobozi bwo kuguhindura ukareka kuba agate koroshye kanyeganyega mu muyaba ukaba urutare ruhanye. Wizere imbaraga Imana yaguhaye nk'umwana wayo zo gukora ikintu cyose!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nshobora gukora byose binyuze mu Mana! Imana yakuyeho kunyeganyega mu buzima bwanjye maze ibugira nk'urutare ruhanye! Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

Luka 1:37

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Luka 18

**Abaroma 4:20**

**ahubwo abonye isezerano ry'Imana ntiyashidikanishwa no kutizera, ahubwo akomezwa cyane no kwizera ahimbaza Imana,**

Ukwizera kudashidikanya niko kwizera gutsinda.aburahama ni urugero rukomeye rw'ukwizwera kudashidikanya. Abaroma 4:20 hatubwira ko "atashidikanyishijwe" ku isezerano ry'Imana no kutizera, bivuzeko atavuye kubyo Imana yavuze. Aburahamu ntiyemereye uko byari bimeze icyo gihe cyangwa ibyatinzaga gusohora kw'isezerano ko bimutera gushidikanya ku isezerano ry'Imana. Ntiyigeze atekereza ngo "nibitba" – yakomeje gushikama, yizeye ko ibyo Imana yasezeranye izabisoza koko.

Nawe, kandi, ushobora kugira ukwizera kudashidikanya. Gushidikanya nikuza, anga kwemerera ibibazo by'ubuzima ko binyeganyeza kwizera kwawe. Ahubwo, iyibutse ko Imana idashobora kubeshya. Vuga amasezerano yayo ku buzima bwawe buri muni. Gushidikanya nikugerageza kwinjira mu bitekerezo byawe, uje ukurwanisha Ijambo ry'Imana. Wuzuze umutima wawe Ijambo ryayo kugeza risendereye ukwizera. Uko ubikora, kwizera kwawe kuzakura gukomeye, kandi gushidikanya ntikuzakugiraho ububasha. Komeza guha Imana icyubahiro, uzi ko Ijambo ryayo ari ukuri kandi ko amasezerano yayo azasohora.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Sinshidikanishwa ku masezerano y'Imana no kutizera. Nkom eye mu kwizera, mpa Imana icyubahiro. Amasezerano ye ni yego na amen mu buzima bwanjye. Ngendera mu bwishingizi bw'Ijambo ryayo kandi mbona gusohora kw'amasezerano yayo mu izina ry'Yesu.**

**IBINDI BYANDITSE**

2 Abakorinto 1:20

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 19, Mariko 10

# GOODNEWS DAILY SPECIALS WEEK

The **GoodNews Daily Specials Week** is where millions of people worldwide tuned in for a spectacular, epic 5-day telecast as we celebrated the global impact of the GoodNews Daily devotional authored by **Prophet Ubert Angel**, and its heroic partners whose extraordinary efforts have helped spread the message of the hour across the globe. **GoodNews Daily Specials Week** with **Prophet Ubert Angel** was an unparalleled event with guest speakers from the United Kingdom, India, Germany, Fiji, America & South/East Africa talking about the impact of the daily devotional globally. This marked a new era of global impact through God's Word, and we can't wait to do it again.



@goodnewsdailydevotional







### Yeremiya 51:20

“Uri intorezo yanjye ndwanisha, uri n'intwaro z'intambara, kuko ari wowe nzacagaguza amahanga kandi ni wowe nzarimburisha ibihugu.

Tekereza Imana – Uwicaye yizengurutse, Ushoborabyose, Umwe uvuga iherezo bikiri mu itangiriro – yego, Nyir'isanzure ari gushaka intwaro y'intambara maze agatora wowe nk'intorezo Ye!

Intorezo ni nk'inyundo iri mu biganza by'Imana ihondesha abakozi b'umwanzi baje kurwanya ubutunzi bwawe, urushako rwawe abana bawe ndetse n'akazi kawe. Iyo uhagaze mu mwanya wawe, ugasobanukirwa ko uri intwaro y'intambara, ushobora guturika mu isengesho nk'igisasu cya kirimbuzi ugateza impagarara mu birindiro bw'umwanzi.

Imana izagukoresha kugira ngo ishyire imigambi yayo mu bikorwa. Ni wowe ibiremwa byari bitegeje ko ujya ahagaragara. Abaroma 8:19, “kuko ndetse n'ibyaremwe byose bitegerezanya amatsiko guhishurwa kw'abana b'Imana.”

Igenzure wongere uje mu mwanya wawe nk'intwaro y'intambara y'Imana. Umwanzi nta yandi mahitamo azagira uretse ayo guhunga!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Niteguriye intambara buri gihe, buri munota, na buri segonda. Nateguriwe iki gikorwa kandi intsinzi yanjye irizewe muri Kristo. Nzajyana ubutumwa bw'ubuntu bw'Imana kure cyane no ku rundi rwego mu Izina rya Yesu! Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 41:15

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 20-21





**2 Timoteyo 4:7**

**Narwanye intambara nziza, narangije urugendo, narinze ibyo kwizera.**

Kimwe muri byinshi biranga kuba umusikare harimo ubushobozi bwo guhora witeguye iyo uhamagawe mu mirimo. Kwitegura urugamba kw'umusirikare mwiza ko rwatangira ku muni uwo ari wo wose, icyumweru, ukwezi, cyangwa umwaka bitubwira ko uko kwitegura kwabaye ubuzima bwe bwa buri muni. Umusirikare uri ku rugamba agomba guhora yiteguye kwica cyangwa kwicwa, kandi nta mwanya wo kutabogamira ku ruhande na rumwe ubaho ku muntu uri mu ntambara!

Umukristo agomba gusobanukiwa ko ari ku rugamba. Uko niko agomba no kwitegura gushimisha Uwamuhamagariye urugamba, ari we, Umwami Yesu.

Yesu aravuga ati, "Si mwe mwantanyije, ahubwo ni jye wabatoranyije kandi mbashyiriraho kugira ngo mugende mwere imbuto, imbuto zanyu zigumeho kugira ngo icyo muzasaba Data cyose mu izina ryanjye akibahe." (Yohana 15:16)

Uyu niwo mukoro wacu: kujya hanze tukazana ubugingo bwinshi kuri Kristo, kandi ubwo bugingo bugakomera muri Kristo bukahaguma. Rero, ujye uha agaciro gakomeye ivugabutumwa, imirimo ushinzwe mu rusengeru uyihe agaciro, ndetse n'ubuzima bwawe bwo gusenga. Uri ku rugamba, kandi buri kimwe cyose na buri ntwaro yose ukeneye ngo utsinde intambara ugomba kuyimenya ukayikoresha.

**IBINDI BYANDITSWE**

**Ndi umusirikare wa Kristo, icyo nshaka ni ugukora ubushake bw'Uwo nkorera. Umwami Yesu ni we mukoresha wanjye! Imana ihabwe icyubahiro! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Ibyakozwe n'intumwa 20:24

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Luka 19





## 2 Timoteyo 2:3

**Ujye ufatanya nanjye kwihanganira imibabaro, nk'uko bikwiriye umusirikare mwiza wa Kristo Yesu.**

Pawulo, intumwa ihamye ya Kristo, yari mu bwato burangirika bikomeye, yarafunzwe kubw'ubutumwa bwiza, ubuzima bwe bwagiye mu kaga ajyanye Ijambo ry'Imana ku mpera z'isi. Ni ukuri ko, akwiye kubwira umwana we mu mwuka, Timoteyo, kwihanganira "imibabaro" nk'umusirikare mwiza.

Ushobora guhitamo kuba umusirikare mwiza cyangwa kuba umusivile! Niwibona utangiye gukunda ibiganiro bidafite akamaro bifite ububasha bwo kukugira umuntu ugira amagambo, ubwo uba ubaye umusivile. Iyo uyobya n'ibihuha byoroshye ndetse n'uburiganya aho kwita ku magambo

y'umutegetsi wawe, Umwami Yesu, uba uri umusivile. Iyo gusenga, kwiyiriza n'Ijambo ry'Imana bitangiye kukubera umutwari aho kugira ngo bikunezeze, uri umusivile. Iyo kwicara mu rusengero ukamara amasaha abiri bigutindira ubwo uri umusivile.

Uyu muni, reka ubuzima bwawe bwa Kristo busobanure ubuzima bwo kwihangana no kwitanga nk'umusirikare. Ntuzabivemo; komeza ibirindiro. Umwaka w'Amata n'Ubuki nturarangira. Uzishima muri uyu mwaka nk'umusirikare uri kwerekana intsinzi mu Izina Rikomeye rya Yesu! Imana ihabwe icyubahiro!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi umusirikare, ndi kujya imbere mfite Yesu nka komando wanjye; sinsubira inyuma. Ubuzima bwanjye ni ubuzima bw'ubuhamya bufite n'ibikombe by'intsinzi natsindiye mu Izina rya Yesu! Amen!**

## IBINDI BYANDITSWE

Filemoni 1:2

## UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Mariko 11, Yohana 12



**2 Abami 6:17**

Nuko Elisa arasenga ati “Uwiteka ndakwinginze, muhumure amaso arebe.” Nuko Uwiteka ahumura amaso y’uwo musore arareba, abona umu-sozi wuzuye amafarashi n’amagare by’umuriro bigose Elisa.

Umugaragu wa Elisa yagize guhungabana, yarebaga ibigaragara aho we n’umuhanuzi bari bazengurutswe n’amafarashi n’amagare y’ingabo z’abanzi zishaka ubuzima bw’Umuhanuzi Elisa! Umuhanuzi Elisa ntiyari umuntu usanzwe. Kandi, nta muhanuzi w’Imana w’ukuri uba ari umuntu usanzwe; aba ari umuvugizi w’Imana woherejwe n’Ijuru.

Umuhanuzi Elisa yari azi ko afite ingabo zikomeye cyane kurusha izo umugaragu we yari ari kubona. Byasabye isengesho ry’umuhanuzi kugira ngo amaso y’umugaragu we abafunguke maze abone ukuri kw’imiterere y’urugamba. Elisa ntiyari arinzwe gusa n’ingabo z’abamarayika, ahubwo bari no ku magare y’umuriro!

Byasabye isengesho ry’umuhanuzi kugira ngo amaso y’umugaragu we abafunguke maze abone ukuri kw’imiterere y’urugamba. Elisa ntiyari arinzwe gusa n’ingabo z’abamarayika, ahubwo bari no ku magare y’umuriro!

Kwegerana n’Umuhanuzi w’Imana mu bigaragara ntibikibagize ibitekerezo byawe ko hari umwanya urimo hagati yanyu mu mwuka ubatandukanya icyabarwa nk’ibilometero ibihumbi mu kirere cy’umwuka. Ibyo ni ukuri ukwiye kubaha!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nkora umurimo mu nzu y’Imana ubushishozi kandi nubaha. Nzakomeza kubaha kandi mpa icyubahiro abo Imana yashyize hejuru mu murimo wayo nk’umugaragu w’Imana wubahiriza inshingano ze, mu Izina rya Yesu. Amen.**

### IBINDI BYANDITSEWE

Zaburi 68:17

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Matayo 22, Mariko 12

**Luka 7:8**

Kuko nanjye ndi umuntu utwarwa n'abandi, mfite n'abasirikare ntwarwa. Iyo mbwiye umwe nti 'Genda' aragenda, nabwira undi nti 'Ngwino' akaza, nabwira umugaragu wanjye nti 'Kora iki' akagikora."

Yesu wahakanyije uburemere bw'amazi maze akayagenderaho, uwo Yesu ni we watubuye imigati itanu n'amafi abiri maze abigaburira abagabo ibihumbi bitanu, hatabazwemo abana, ntakindi cyamutangariye cyangwa undi wamutangariye uretse "umusirikare."

Imyitwarire y'umusirikare irangwa no kubaha abamukuriye! Umusirikare w'ukuri yakira amategeko. Umushirikare arinda itegeko nshinga, ari ryo Bibiliya ku Mukristo, Ijambo ry'Imana.

Umusirikare w'ukuri yubaha inzego kandi akemera amabwiriza. Ese witeguye uyu muni kuba umusirikare w'ukuri wa Yesu?

Bibiliya ivuga iby'abagabo b'Imana ba kera bashyize ubuzima bwabo mu kaga; bibonaga nk'abasirikare mu ngabo za Kristo! Iki gihe cyanyuma kigomba kuzuramo abasirikare basobanukiwe ko turi mu rugamba kandi ko kwifata bidashoboka. Rero, ba maso nk'umusirikare mwiza uri ku rugamba. Satani, umwanzi, afite amayeri menshi. Ntuzamwemerere kwinjira. Urinde ubutaka bwawe nta bindi biganiri cyangwa kujenjeka.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Kwifatanya kwanjye n'Umwami n'Umukiza wanjye, Yesu Kristo, ntibisubirwaho. Mpagaze niteguye umurimo waza igihe cyose, niteguye nk'umugaragu w'umwizerwa. Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

2 Timoteyo 2:3

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe caywe cy'uyu muni: Matayo 23, Luka 20-21





### 2 Abakorinto 4:7

**Ariko dufite ubwo butunzi mu nzabya z'ibumba, kugira ngo imbaraga zisumbaye byose zibe iz'Imana zidaturutse kuri twe.**

Uhereye kera, Imana mu bwenge bwayo budashira, yahisemo guhisha ubutunzi. Ntahandi hari hakwiye, ntiyari muri diyama, zahabu, cyangwa marijani, uretse mu muntu ukoze mu ibumba! Iki gikoresho cy'ibumba ntigifite agaciro gusa ahubwo kubitse "ubuzima bw'iteka" (Yohana 3:15).

Ijambo ryo mu kigiriki risobanura "iteka" ni aionios, ryerekana isi itagira intangiriro n'iherezo-icyahozeho kandi kizahoraho! Ibi ni, mu miterere yabyo, ubuzima bw'igihe kizaza.

Ubuzima bw'Imana warabuhawe! Ubuzima ntibukonje si akazuyazi ahubwo bufite umuriro. Iki ni cyo kidasanze: Kristo muri wowe, ibyiringiro by'ubwiza! Ufite umuriro muri wowe ushobora kuguhembura, rero nta muntu wagira icyo agutwara. Uri ikiremwa kigenda, gihumeka, kiriho, kidahangarwa kirimo icyicaro gikuru cy'Imana muri wowe. Ushobora kuba utabyiyumvamo, ariko niyo kamere yawe. Tangira ugendere muri iyo mitekerereze udatinya muri uyu mwaka w'Amata n'ubuki!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mfite Imana muri nje. Mfite Ubuzima nk'ubw'Imana; bityo, sinasenywa, sinkorwaho, kandi sinatsindwa. Iyo unkozeho, urangira, mu Izina rya Yesu! Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 5:1

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Mariko 13

**Ibyahishuwe 8:4**

**Umwotsi w'umubavu uva mu kuboko kwa marayika, uzamukana imbere y'Imana n'amashengesho y'abera.**

Ese ushobora gutekereza ku ruganda, ahantu bakorera bakanahateranyiriza ikihakorerwa kikaba umuriro gusa? Yego, icyo nicyo igicaniro aricyo-ahantu hakorerwa iby'umwuka aho umuriro ukorerwa! Iyo witeguye kubyutsa, gukora no gukoresha umuriro, ujye ujya ku ruganda rwawo rwitwa igicaniro! Aho kandi uzahabonera ubumana buhura n'umuntu.

Igicaniro ni ahantu h'isengesho aho ibibazo by'ububabare buhoraho bikemurirwa burundu, bigahindura ahazaza hawe. Ni ahantu isengesho riturwa nk'igitambo cyaka umuriro ntikizime, kikazamura umuhumuro

mwiza imbere y'Umuremyi wacu! Hano, usimbuza imbaraga zawe nke, gukomera kw'Imana guhora kwiyongera. Nka Hana, ubugumba mu rushaka rwawe n'amafaranga yawe bihinduwemo gutanga umusaruro. Birakubera gutyo uyu muni.

Uko uzamura ijwi uyu muni mu isengesho uri ahantu h'umuriro mu rugo rwawe cyangwa ahantu ho kuramiriza, Imana izagutungura iguhe uburyohe bw'amata n'ubuki none n'iteka ryose. Imana ishimwe!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ngizwe n'ururimi rw'umuriro! Ubuzima bwanjye buzasohora umuriro wo gutwika imirimu yose y'umwanzi. Umuriro wa Mwuka Wera ufunganiye mu magufwa yanjye; urinda ko indwara no guhumana byinjira, bityo mbaho ubuzima bw'intsinzi mu izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 141:2

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 24

**1 Timoteyo 4:12**

**Ntihakagire uhinyura ubusore bwawe, ahubwo ube icyitegererezo cy'abizera ku byo uvuga, no ku ngeso zawe no ku rukundo, no ku kwizera no ku mutima uboneye.**

Hari igihe cyo gufunguka kw'idirishya ngo amahirwe aboneke mu muhamagaro wawe maze azane impinduka mu rubyaro rwawe, kandi icyo gihe ni iki! Tubona abakinnyi b'umupira batangira umwuga wabo bakiri bato, bazi ko igihe kimwe, iyo mpano itazaba igitanga umusaruro ugaragara. Rero, niba abantu bari mu yindi mirimo bashobora gutangira hakiri kare mu buzima, kuki watekereza gutangira umurimo w'umuvugabutumwa, umwigisha, umushumba, cyangwa umuhanuzi bitoroshye kubera imyaka yawe?

Birenze kure umwuga ukora, uwawe ni umuhamagaro ugomba gukora nonaha kandi ntuwusubike. Bisaba ikigero uriho, ntibisaba imyaka umaze! Ntuzemere ko ubwibone bwiyoberanije nk'isoni buguhagarika! Kanguka maze ufate umwanya wawe nk'umukozi ushoboye w'ubutumwa bwiza uri ku muriro wa Yesu. Iyo wumviye Umwuka w'Imana, azazamura ijwi ryawe kugira ngo rizane impinduka mu mahanga kubwa Kristo!

Turi kubaho ku mpera z'ibihe, kandi nta mwanya usigaye; impanda ishobora kuvuga igihe icyo ari cyo cyose! Kanguka!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi uwahamagawe w'Imana, washyizwe ku ruhande kugira ngo nzane impinduka mu rubyaro rwanjye. Nzakomeza imbere nshize amanga nk'intare kandi nigarurire ibihugu, ntsinde ubugingo kuri Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITWE**

Tito 2:15

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Mariko 25





### Ibyakozwe N'intumwa 7:55

**Ariko Sitefano yuzuye Umwuka Wera arararama, atumbira mu ijuru abona ubwiza bw'Imana na Yesu ahagaze iburyo bw'Imana.**

Rimwe mu makosa akomeye mbona mu Itorero muri iki gihe nuko abantu batekereza ko abakozi b'Imana ari bamwe. Reba uko Bibiliya ivuga uko Imana yifashe igihe Sitefano yaterwaga amabuye: Imana yahagurutse ku ntebe yayo kugira ngo irebe ibyangiritse!

Tekereza, amahanga ari gusenywa, imijyi n'uduce byangijwe cyane n'imitingito n'umuriro, nyamara Imana yagumye yicaye ku ntebe yayo, keretse igihe Sitefano yaterwaga amabuye kugeza apfuye. Ibi bigomba kukubwira ko twese tutameze kimwe ku Mana.

Iki nicyo gihe cyo kugira ngo abantu b'Imana nongera kunoza imyumvire yabo y'abakozi b'Imana maze bagatangira kububaha – si bose bari ku kigero kimwe ahubwo bapimwa hakurikijwe urwego n'ikigero cy'ubuntu bakoreramo! Iyo umukozi w'Imana ahanura ishyirwaho n'ikurwaho ry' abaperezida n'aba minisitiri b'intebe ku butegetsi, ugomba kongera gutekereza uburyo uha agaciro kandi wubaha cyane umukozi w'Imana nk'uyu. Hariho abakozi b'Imana bahindura ahazaza bakabohora ibihugu, abakozi b'Imana nk'aba, ujye ubatinye!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nubaha Ubuntu budasanze buri kuri buri mukozi w'Imana! Niyemeje kubaha agaciro kagendana n'ikigero cy'imirimo y'Imana ndetse n'ubuntu bafite. Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

Mariko 16:19

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 26, Mariko 14



### 1 Abami 1:34

**Nuko umutambyi Sadoki n'umuhanuzi Natani nibagerayo, bamwimikishirizeyo amavuta abe umwami wa Isirayeli, maze muvuze ikondera muti 'Umwami Salomo aragahoraho.'**

Hari abanyarumuri mu isi y'umwuka bavumbuye icyo nita ikoranabuhanga ry'ubutambyi bayikoresha mu gukora imirimo y'Imana. Biragiye barenga mwenda w'igihe ngo bagere mu kindi kirere aho bahinduye ibikoresho by'umwuka mo ibikoresho bigaragara.

Ijambo ry'Imana ritwita abami n'abatambyi (Ibyahishuwe 1:6), ntabwo ritwita abahanuzi n'abatambyi! Umuhanuzi ategekeshya ubuhanuzi mu gihe umutambyi, binyuze mu ikoranabuhanga ry'ubutambyi, agira umwihariko wo gukomeza ibyo umuhanuzi yategetse!

Mu Kubara 16:47, ubona ko hari ibihe bibi aho umuhanuzi, Mose, yatageze (yahanuye) maze Aroni, umutambyi, akomeza iryo tegeko ry'ubuhanuzi nk'uko ryavuzwe n'umuhanuzi. Iyo usobanukiwe ko uri umutambyi, ushobora gukoresha ikoranabuhanga ry'ubutambyi uga-hagarika uburwayi bwose ubwo aribwo bwose bwangiza umuryango wawe, abaturanyi bawe, n'umujiyi wawe! Ikoranabuhanga ry'ubutambyi rikangura ubushobozi muri wowe bwo kuba umutware, ari bwo bikomoka mu muhamagaro wawe nk'umutambyi! Amavuta y'abatambyi akomoka mu isengesho, rero tangira usenge none aha, Atari ejo!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi umwami n'umutambyi udashobora kuyoborwa n'imigambi y'umwanzi. Nzi uwo ndiwe muri Kristo Yesu, wahamagariwe gukomera kandi mba hejuru y'ibyo nyuramo! Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

1 Samweli 10:24

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Luka 22, Yohana 13

**Yuda 1:9**

**Nyamara Mikayeli ari we marayika ukomeye, ubwo yatonganaga na Satani agira impaka na we intumbi ya Mose, ntiyahangaye kumucira urubanza amuvuma, ahubwo yaramubwiye ati "Umwami Imana iguhane."**

Icyanditswe cy'uyu muni ni umurongo utameze nk'iyindi. Mose, umugaragu w'Imana, yarapfuye maze Imana yitabira ishyingurwa rye. Nuko, dusoma ibyo twatekereza ko byari ugutongana gukomeye hagati ya Marayika Ukomeye Mikayeli na Satani bajya impaka ku mubiri wa Mose. Iyi ni intumbi Satani yashakaga cyane kujyana muri laboratwari y'ikuzimu ngo awukoreho ubushakashatsi!

Ese Mose ni umugabo umeze ute ku buryo Marayika Ukomeye, utari umu-

marayika usanzwe, agomba kwoherezwa kugira ngo abuze umubiri we kujya mu maboko ya satani? Inzara ya Mose yari iy'ibintu by'Imana. Umubiri we wose washakaga kuba mu kubaho kw'Imana kugeza ubwo no mu gupfa, umubiri we wari ukwiye kurwanirwa na malayika. Uri Ingoro y'Imana. Muri uyu mwaka w'Amata n'Ubuki, reka iby'Imana bikuzuremo, maze abamalayika bazakurwanirira bazane intsinzi ihanye.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ubuzima bwanjye buri ku muriro kubw'Umwami. Nziko ahazaza hanjye hashushanyijwe n'Imana. Sinatwarwa n'iby'iyi si ukundi. Ubu nkurikira ubuzima bw'umuhamagaro ukomeye muri Kristo Yesu! Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

Gutegeka kwa kabiri 34:6

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yohana 14-17



**2 Timoteyo 4:7**

**Narwanye intambara nziza, narangije urugendo, narinze ibyo kwizera.**

Mu myaka y'urugendo rwanjye n'Imana, aho njya hose, nitegereje ko Abakristo benshi banezerwa kandi bagaterwa imbaraga mu mwanya bahamagariwe gusenga mu rusengeru. Iminota itanu kugera ku icumi ya mbere iba ari iy'umuriro, imbaraga n'ubushake. Ariko, uko umwanyana wo gusenga ukomeza, biragaragara ko imbaraga zo gusenga zigenda zigabanyuka! Abatangiyeye batera hejuru banarangurura batangira kuvuga mu majwi ari hasi.

Reka nkubwire ibi: isengesho si isiganwa ryo kureba umuvuduko mu kanya gato; ni isiganwa mu ntera ndende! Reka umwanyana wo gusenga n'ubuzi-

ma bwo gusenga bwawe bikomere kandi bihoreho. Ni hehe uri kwihuta ugana, kandi ninde uri kurwanyana? Iga kubona isengesho nk'isiganwa mu ntera ndende, maze ukomeze ujye imbere mu ndimi, kuko Bibiliya ivuga ngo, "Uko ni ko n'Umwuka adufasha mu ntege nke zacu kuko tutazi uko dukwiriye gusenga, ariko Umwuka ubwe ni we udusabira aniha iminiho itavugwa." (Abaroma 8:26). Abiruka ayo masigamwa mu ntera ndende ntibiha amasegonda cyangwa iminota ahubwo bateganyaga gufata ahantu hataragerwaga, guca agahigo no kurenga umurungo wari usanzweho. Mera nk'umwe muri abo uyu munsu!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nitaye ku muhamagaro wanjye. Nziruka isiganwa ryanjye mu bushishozi. Gukorera Imana ni iby'igihe cyose kuri njye, ibindi byose n'iby'umwanyana muto! Imana Ishimwe, Amen.**

### IBINDI BYANDITSE

Ibyakozwe n'intumwa 20:24

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu; Matayo 27, Mariko 15

**Luka 18:1**

**Abacira umugani wo kubigisha ko bakwiriye gusenga iteka ntibarambirwe.**

Isengesho si iryo kuguha amakuru ahubwo ni iryo kukurema. Mu gihe ibihugu byinshi bibara ababituye bigendeye ku mibare yavuye mu ibarura, Imana yo ikoresha ubundi buryo. Imana ibara abatuye imijyi n'ibihugu igendeye ku bantu basenga! Mu mugwi w'abantu miliyoni icumi, niba miliyoni imwe muri ariyo isenga, ku Mana, uwo mujyi utuwemo n'abantu miliyoni imwe, si miliyoni icumi.

Mu murongo w'uyu muni, Imana itegeka abantu ibyo bakwiriye gukora. Ndetse, muri Matayo 26:40, Umwami wacu Yesu atanga igihe gito gishoboka isengesho ryamara kugira ngo birabarwe mu bitabo byo mu ijuru aricyo

isaha imwe!

Igihe kirageze ngo uzamure ubuzima bwawe bwo gusenga uve ku minota itanu, ugere ku icumi, cyangwa se uve ku minota mirongo itatu ugere byibura ku isaha imwe kugira ngo ubona amanita y'ibanze. Icyangombwa mu isengesho nuko ushyira imbere kuremwa kwawe utitaye kuko wiyumva; ugomba kuguma mu isengesho kugeza igihe igisubizo washakaga. Komeza usenge muri uyu mwaka w'Amata n'Ubuki ibisubizo bizabyigana, kandi ubuzima bwawe n'ahazaza h'umuryango wawe bizaba byuzuye!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ubuzima bwanjye bwo gusenga burazamuwe kandi butumbagiye kugeza aho iyo mvuze, ibibazo bigomba guhinduka, mu izina rya Yesu Rikomeye! Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

Abefeso 6:18

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Luka 23, Yohana 18-19



**Kuva 3:17**

**Ndavuga nti: nzabakura mu mubabaro wo muri Egiputa, mbajyane mu gihugu cy'Abanyakanāni n'Abaheti n'Abamori n'Abaferizi, n'Abihivi n'Abayebusi, igihugu cy'amata n'ubuki.'**

Abahanuzi b'ukuri bakorera mu kirere cy'ibihamya n'ibigaragara, nubwo icyigaragara cyaba ari umunyū, amafoto, amavuta, amazi, umugozi, ubuki, amata, n'ibindi. Uyu mwaka ni uw'Amata n'Ubuki, bihagarariye uburyohe n'ubworohere ubuzima bwawe bugomba kubamo muri 2024.

Iyo Imana ivuze, ikurikirana Ijambo ryayo ikarisohozwa. Ukwatura kwa gihanuzi kwaratanzwe kuva igihe ayo magambo yavugiwe, rero wicika intege! Ukuri kw'ibyo Imana ivuga ko uzabamo muri uyu mwaka ntikuzatsindwa cy-

angwa ngo guhere.

Ku nyanja itukura, Abisirayeli, batewe ubwoba nuko bari bagiye gusubizwa mu buretwa n'ingabo z'Abanyegiputa zazaga zibasanga, maze babona igitangaza kitigeze kubaho mu mateka y'isi: Umwami Imana ica inyanja mo kabiri ukoreshye umwuka wo mu mazuru yayo. Muri icyo kibazo kimeze nk'inyanja itukura urimo ubu, ntikizakwica; ubuhamya bwawe buzaba umwihariko kandi bube bwiza bihebuje mu Izina rya Yesu!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nishimiye intsinzi yanjye mbere yuko iba, kuko nziko igitangaza cyanjye cyamaze kuva mu biganza by'Imana. Kizaboneka muri uyu mwaka w'Amata n'Ubuki! Haleluya! Amen.**

### IBINDI BYANDITSE

Kuva 6:6

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Matayo 28, Mariko 16



**Yakobo 5:17**

**Dore Eliya yari umuntu umeze nkatwe asaba cyane ko imvura itagwa, imvura imara imyaka itatu n'amezi atandatu itagwa.**

Birakomeye kwizera ko Abakristo benshi bafata ubuzima nk'ubusanzwe ntibagenzwe ibice by'umwuka bigize ubuzima ubwabwo. Urabona, iyo ufashe ubuzima nk'ubusanzwe, uzisanga wabaye inkomere. Biroroshye. Ariko, iyo icyifuzo cyawe ari ukunezeza Imana, uzatangira kugira inzara idashira y'iby'Umwuka. Umuntu ufite inzara ntagira umwanya cyangwa isaha yihariye yo gusenga; atangira kuvu-ga mu ndimi yaba ari mu rusengero cyangwa hanze y'urusengero. Basa nkaho batatitaye ku bibakikije kuko bifuzaga guhora bari mu kirere cy'umwuka kitagaragarira ijisho risanzwe.

Reka inzara yawe ibe iy'iby'Umwuka aho kugira ngo uhore ugeragezwa n'ibiyumviro by'umubiri, maze ugere aho uneshe ibyo byiyumviro uri mu bihe bikomeye byo kwiyiriza no gusenga.

Abantu b'amasengesho ni abantu bahorana inzara yo gukora ubushake bw'Umutware. Iki ni igihe cyo kuvana Ubukristo bwawe ku kigero gisanzwe ukabugira ubukomeye, biva mu nzara iri muri wowe kandi uzabona ubuzima bwawe bubaho buhindutse rwose muri uyu mwaka w'Amata n'Ubuki.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ibyo nkora, ibyo mvuga nuko nitwara bigaragaza ubushake bugurumanira muri njye bwo gukorera Imana kugeza ku munsi w'Umuzuko! Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

1 Abami 17:1

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Luka 24, Yohana 20-21



**Luka 5:4**

**Arangije kuvuga abwira Simoni ati “Igira imuhengeri, mujugunye inshundura murobe.”**

Icyanditswe cy'uyu muni kiravuga ngo jugunya inshundura si urushudura rumwe ! Ntuzigere ugira ingengo y'imari y'amafaranga yawe; Ujye uhorana ingengo y'imari y'ukwizera. Reka tubirebe mu buzima busanzwe twe kugendera ku gitekerezo gito cy'uko mu isi y'amafaranga bigenda.

Abacuruzi nyabo batangira ubucuruzi nta gishoro! Nk'umwana w'Imana ufite kwizera kw'Imana, amafaranga agomba kumenya aho utuye! Muri iyi minsi yanyuma, intego nini ni ugusunika Ubutumwa bwiza kugeza mu bduce twa kure tw'isi. Ariko nubwo ubutumwa bwiza ari Ubuntu, inzira zo kubukwirakwiza zisaba gushora imari ihagije.

Abakristo bagomba gutekereza ibiri imbere, jya ku isoko, kora ubucuruzi kugira ngo winjize amafaranga menshi, ukore. Ubuntu bwaratanze kugira ngo ugure ubutaka, ujye mu mirimo itandukanye, ubere uguriza aho kuba uguzi!

Zamura kwizera kwawe ku rundi rwego, umenye ko Imana ifite inzira miliyari zo kuzana miliyari y'amadolari kuri konti yawe. Rero jugunya inshundura zawe maze ubone inyungu zidasanzwe mu buzima bwawe muri uyu mwaka w'Amata n'Ubuki!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ni igihe cyanyje, ibihe byanyje cyo kwerekana icyubahiro cy'Imana. Ndimu ndaguruka nka kagoma, ntahura amahirwe yose meza azabyara amafaranga y'ubutumwa bw'Imana! Amen.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Yohana 21: 6

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ibyakozwe n'Intumwa 1-3

**Yesaya 40:31**

**But they that wait upon the LORD shall renew their strength; they shall mount up with wings as eagles; they shall run, and not be weary; and they shall walk, and not faint.**

Hariho uduce tumwe na tumwe umwami wawe adashobora kurokokamo. Iyo kagoma iteye inzoka, izi ko inzoka igenda yihuta igatambuka neza k'ubutaka. Ubushozi bwizoka bwo kugendera ku bitaka ntibugerenwa, kandi biragoye kuyirusha gutambuka neza ku butaka bwayo! Rero kagoma yiga inama yihariye yo kuyihiga kugirango ifate inzoka maze ikayigurukana mu kirera cya kure aho ingano y'umwuka, iba itoriheye izindi nyamanswa ko zarokoka, amahirwe yo kurokoka aba ari make cyane. Muri uwo mwanya inzoka ihera umwuka, kuko iba yabuze umwuka wo guhumeka mbere yuko kagoma isubira ku butaka.

Igihe kirageze kugira ngo intambara zawe urwana ngo ubeho uzizamure ku rundi rwego. Zamura ubuzima bwawe bwo gusenga ku rundi rwego, kandi uzamure n'inshingano ushinzwe mu murimo w'Imana ku rundi rwego, kwiyiriza kwawe ubihe agaciro. Ubuze umwami amahirwe yo guhumeka utanga, kandi ukoeza intumbero yawe uko ukomeza guha Imana icyubahiro.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nzazamuka hejuru ku mababa nka kagoma, ngende hejuru y'ibishaka ko ntsindwa. Mfite abamarayika bari kumwe nanjye kuri uyu murimo, kandi nzazamuka hejuru y'ibimbaho mu izina rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITSWE**

2 Abakorinto 4:8

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ibyakozwe n'Intumwa 4-6





**Matayo 13:11**

**Arabasubiza ati “Mwebweho mwa-hawe kumenya ubwiru bw’ubwami bwo mu ijuru ariko bo ntibabihawe.**

Kimwe mu bitangaje bigize imodoka za Hybrid ni ukuba bishobora guhindura imikorere kandi biri no kugenda. Hybrids zibasha guhindura zikava ku gukoresha esansi zigakoresha amashanyarazi kandi ntibihagarika kugenda. Nibwo hari imodoka zikoresha amashanyarazi gusa n’izindi zikoresha esansi gusa, imodoka za hybrids zo ziryoherwa no kubikoresha byombi.

Uri umuntu w’umwuka utuye mu mubiri kandi ufite ubugingo. Uri ikinyabibiri gishobora kwihinduranya mu isi ebyiri. niba ibyo ubyo ubona kandi ubaho byo mu isi isanzwe bitari gukora, niba nta gutera imbere kuri mu kazi kawe,

niba uko kuzamurwa mu ntera ushaka utari kukubona, hindura ujye mu isi y’umwuka.

Ibiba mu isi ntabwo bigukoraho. Uba muni y’amabwiriza atandukanye. Kubera iki? Kubera ko uri ikinyabibiri ufite umwihariko wo kuba watembera mu isi isanzwe no mu isi y’umwuka. Ihihe kirageze ko urekera aho kubwira Imana ikibazo cyawe; ahubwo, bwira icyo kibazo uburyo Imana yawe ihambaye muri uyu mwaka w’Amata n’Ubuki.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Iyo umwanzi yibwira ko yatsinze mu isi igaragara, ndahindura nkajya mu isi y’umwuka aho intsinzi yanjye idashobora kuburizwamo, mu Izina rya Yesu. Amen.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Luka 8:10

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: ibyakozwe n’intumwa 7-8

**Matayo 6:22**

**Itabaza ry'umubiri ni ijisho. Ijisho ryawe nireba neza, umubiri wawe wose uba ufite umucyo,**

Ni iby'agaciro gakomeye ko usobanukirwa ko ijisho ryawe ari idirishya riyana ku mwuka wawe n'ubugingo. Ibyo ubona bizamura urwego urimo. Ikiyobora intambwe utera ni amaso yawe, rero ni iki ubona? Ese wibona nk'ushyigikira ubwami bw'Imana? Uza na ubugingo kuri Kristo mu buryo budasanzwe? Cyangwa se nk'umucuruzi w'umukire? Eliya yabwiye Elisa ati numbona ngenda. Eliya ntiyari ari kuvuga kurebesha amaso asanzwe ahubwo yavugaga amaso yo mu mwuka.

Amaso yawe atambutsa ibicuruzwa by'umwuka kuko asobanukirwa ukuri kw'iby'umwuka mbere yuko bihinduka

ibigaragara. Aburahamu wagizwe sogokuru w'amahanga kuko yari yabibonye. Igikoresho gikomeye kurusha ibindi gikoreshe n'Imana ndetse na satani ni amaso!

Umwihariko wa kagoma ni uko ifite imboni ibona mu ntera ndende; bikubye inshuro umunani izo abantu bashobora kubona. Tangira urebeshe amaso yawe y'umwuka. Niba wakibona, ushobora kukigira. Bona gukira mu mubiri wawe, mu rushako rwawe, mu butunsi bwawe, mu bucuruzi bwawe kandi ni ukuri ko uzabigira.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mbona ubuzima bw'umwuzuro kandi bwiyongera. Ubutunzi ni ubwanjye. Amafaranga aje kuri njye none aha! Ndabona amafaranga n'ubutunsi binzaho aka kanya, mu Izina rya Yesu. Imana ihabwe icyubahiro! Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

Luka 11:34

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ibyakozwe n'intumwa 9-10



### Obadiya 1:17

**Ariko ku musozi wa Siyoni hazaba abarokotse kandi hazaba ahera, ab'inzu ya Yakobo bazasubirana ibyabo.**

Urugendo ruva muri Egiputa rujya mu gihugu cy'Isezzerano mu busanzwe rwatwaraga iminsi mirongo ine. Ariko, Abisirayeli bamaze imyaka mirongo ine bazenguruka mu butayu. Mbona bantu bazenguruka bagasoza amara masa, ariko Yosua yavuye ku kuzenguruka ajya ku gutunga. Kwimuka kwe kwakurikiwe n'ibisubizo no gutera imbere.

Yosua ntiyemereye amakosa y'ahahise kumuvana ku ntumbero ye. Yari ashikamye mu rugamba rwe rwo gufata igihugu cy'Isezzerano. Reka intumbero yawe yo gukura mu mwuka ntiha-gire ikiyitambika.

Uyu muni, ndaguhanurira ko imigendera yawe izabyara umusaruro ugaragara. Imbaraga zawe ntizagusiga amara masa. Ntuzaba ugendagenda nt kerekezo mu hazaza hawe. Ntuzabarwa muri bamwe batari mu hazaza haba. Ndatura akakanya kubw'Umwuka: iminsi yawe yo kuzenguruka udafite icyo utunze irarangiyeye! Uhereye uyu mwanya; imigendere yawe izatanga umusaruro ugaragaza ibisubizo. Uri kuva mu buhanuzi ujya mu gusohora kwabwo uri uyu mwaka w'Amata n'Ubuki!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nanesheje isi, kandi nigaruriye ubutunzi bwanjye, sinakena n'umunsi numwe mu buzima bwanjye. Aho bandi bibagora, ngewe nzahatsinda. Ndi umukristo ugaragaza ibimenyetso wuzuye imbaraga n'ubutware! Imana Ishimwe! Amen.**

### IBINDI BYANDITSE

Zaburi 69:35

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ibyakozwe n'Intumwa 11-12



**Yosuwa 2:1**

Rahabu yakira abatasi abahisha Bari i Shitimu, Yosuwa mwene Nuni yohereza abagabo babiri rwishwa ngo bajye gutata. Arababwira ati "Nimugende mwitegereze igihugu cyane cyane i Yeriko." Nuko baragenda binjira mu nzu ya maraya witwaga Rahabu bararamo.

Nyumva kandi unyumve neza: uyu ni umwaka w'Amata n'ubuki Imana yaduhaye. Si impanuka; ubuhanuzi bwaratanzwe, kandi ugomba kuburwanisha! Ubuhanuzi ni intwaro ugomba gukoresha urwana mu rugamba! Niwicara ku buhanuzi bwawe, urugamba ruzakomeza kwibasira ahazaza hawe!

Uyu muni ndatura kandi ndategeka ko utazatsindwa aho ba sogokuruza bawe batsinzwe. Ntuzahura n'inizizi

aho ba sogokuruza bawe bahuye nazo. Ntuzahagarikwa aho ba sogokuruza bawe bahagaritswe. Ntabwo uzahura n'imipaka ibabuza gutambuka ba sogokuruza bawe bahuye na yo. Ntuzakora amakosa amwe nk'ayabujije abakubanjirije kugera kuri byose Imana yashakaga ko bageraho. Ikizitira abandi wowe ntuzakuzitira.

Wowe ukora ubitandukanye n'ibyari bimenyerewe, ukuraho inzitizi, urenga umurongo, urimbura imisozi, uri igihangange mu mwuka! Byature cyane, "ndi mu rubyaro ruzagera kubyo abambanjirije batashoboye kugeraho." Amen.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mbaho mu buzima butemba Amata n'Ubuki uyu muni ndetse n'igihe cyose! Iyo ngenda, abamarayika baragenda; iyo mvuze, mbona ukuri kw'ibyo mvuga. Ubuzima bwanjye bwuzuye ubuhamya ku bw'icyubahiro cy'Imana! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Yakobo 2:25

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ibyakozwe n'intumwa 13-14

**Abaheburayo 13:15**

**Nuko tujye dutambira Imana iteka igitambo cy'ishimwe tubiheshejwe na Yesu, ari cyo mbuto z'iminwa ihimbaza izina ryayo.**

Uwanyanga wacu wo kuramya, arizo mbuto z'iminwa yacu, ni igitambo. Guhimbaza no kuramya bitangira mu mwanya umwe ariko ntibikwiye kurangira. Bigomba gukomeza kuko kuramya Imana ni umwitoto uhoraho.

Muri Bibiliya, Dawidi yari umuramyi wari uzi kuryosha umutima w'Umwami, maze Imana ivuga ko yanyuraga umutima wayo. Kuramya kuzana Imana kuri wowe, kuko Ijambo ry'Imana rivuga ko Ituye mu mashimwe y'abantu bayo.

Ubwiza bwo kuramya ni uko bikwegereza Imana, ukumva gutera k'umutima wayo. Uko uramya Imana, yimikwa mu mutima wawe. Uko uramya Imana, ubuhamya buba impamo. Igikorwa cyo mu mwuka kigena ko iyo Imana iramijwe ikanahimbazwa: ibitambo biva mu kanwa kawe birazamuka, maze imigisha iva ku Mana ikamanuka.

Kuramya kw'abantu gufite umwanyanga ukomeye mu mutima w'Imana ku buryo butakwiganwa n'ibindi biremwa. Komeza uramye kandi uhimbaze Imana mu izina ry'Umwami Yesu, maze ibibazo byawe bizazimira mu izina Rikomeye rya Yesu.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nzahimbaza kandi ndamye Imana yanjye n'ubuzima bwanjye bwose, n'ubugingo bwanjye bwose, n'ukubaho kwanjye kose! Imana ishimwe! Amen.**

**IBINDI BYANDITSE**

Zaburi 119:108

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Yakobo

**1 Abakorinto 15:57**

**Ariko Imana ishimwe iduha kuneshu ku bw'Umwami wacu Yesu Kristo.**

Gukomera kw'Ubukristo kugaragarira nk'imbaraga zikora nk'itandukanyirizo. Ubukristo si idini ahubwo ni umubano ugirana n'Imana. Idini rishaka kugera ku Mana, rigatinye uburakari bwayo. icyo nicyo kiritandukanya n'ubukristo, kuko tuzi ko dukorera Imana idukunda, itwitaho kandi igira imbabazi, Yo mu mbaraga zayo zihambaye, yegereye umuntu. Igihe twari tukiri abanyabyaha, Kristo yaradupfiriye. Mbega urukundo twasutseho na Data kugira ngo twitwe abana b'Imana.

Uri umwana w'Imana wavutse kubw'umwuka, Atari kubw'ubushake bw'umuntu cyangwa umubiri, ahubwo kubw'Umwuka Wera. Iri ni itandukaniro

rigushyira ku ruhande. Uri icyaremwe gishya muri Kristo uri mu isi ariko nturi uw'isi. Uri uwo mu bwoko budasanzwe butegeka icyo bushaka ku biremwa byo mu Isi. Ntabwo waremewe kubaho ubuzima buciriritse kandi bwifuzaga ahubwo waremewe ubutware, imbaraga n'ubutunzi.

Baho ubuzima bwawe nk'umutsinzi kandi nk'intangarugero. Uri uw'i Bwami; genda nk'ab'i bwami muri uyu mwaka w'Amata n'Ubuki!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ngendera, mvugira, nkorera, kandi mfitse ubuzima muri Kristo Yesu! Ntacyo ntafitse nta icyo mbura. Nduzuye muri Yesu! Amen.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 8:37

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ibyakozwe n'Intumwa 15-16



**Abefeso 1:13**

Ni we namwe mwiringiye mumaze kumva ijambo ry'ukuri, ari ryo butumwa bwiza bw'agakiza kanyu, kandi mumaze kwizera ni we wabashyizeho ikimenyetso, ari cyo Mwuka Wera mwasezeranjwe,

Igihe umuhanuzi Samweli yimikaga Dawidi nk'umwami wa Isirayeli, Umwuka w'Imana waje kuri Dawidi (1 Samweli 16:1-13). Mu Isezerano Rishya, Umwuka w'Imana asobanurwa nk'umwuka twahawe nk'ikimenyetso kugeza ku muni wo gucungurwa (Abefeso 4:30). Rero, Dawidi yasizwe nk'umwami, kandi Umwuka ukora nk'ikimenyetso yashyizweho. Ntabwo yakiriye amavuta y'ubwami gusa; ahubwo yanakiriye ikimenyetso cyamugize dakorwaho.

Ntutinye. Ntikabre ibitotsi kubera amayeri y'umwanzi. Ntugateshwe umutwe n'imigambi mibisha y'umwanzi. Ubucuruzi bwawe bushyizweho ikimenyetso, akazi kawe gashyizweho ikimenyetso, abana bawe bashyizweho ikimenyetso, umuryango wawe ushyizweho ikimenyetso n'ubuzima bwawe bushyizweho ikimenyetso! Kuko uwo umwana w'umuntu azabohora azaba abohotse rwose!

Imana irakuzi; izina rwawe rwanditswe mu biganza byayo, kandi uri kuri radari yayo. Ntakizaguhangabanya cyangwa ngo kigusenyeye. Rero, irukana Satani maze ugire ibyishimo byinshi, kuko ufite ikimenyetso! Imana ishimwe!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ubuzima mbayeho ubu mbubayeho muri Kristo, mfitse ikimenyetso cy'Umwuka Wera; sinkorwaho; sintwarwa n'urupfu! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Abagalatiya 3:14

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Abagalatiya 1-3

**Abafilipi 4:6**

**Ntimukagire icyo mwiganyira, ahubwo ibyo mushaka byose bimenywe n'Imana mubisabiye, mubyingingiye, mushima.**

Ukenere ibikoresho mu rugendo rwawe rwo kuremwa mu isengesho. Wibuke ko, isengesho Atari iryo kuguha amakuru ahubwo ni iryo kukurema. Ukeneye kumva ko rigendana no kugira gahunda. Kurambirwa mu isengesho buza kubera ko utateguye isengesho.

Nubwo ushobora kuyoborwa n'Umwuka, ugomba gukora gahunda yo gusenga. Wibaze intego y'isengesho ryawe. Tegura ingingo uri busengere mbere yo gusenga kugira ngo ubone ibisubizo, uzashishoza ubone ko amasengesho yawe yasubijwe.

Rimwe na rimwe, ugomba kwiyiriza unakoresha imbaraga z'isengesho. Umurimo w'Imana ugira inshingano nyinshi, kandi ukeneye imbaraga z'amasengesho no kwiyiriza kugira ngo wuzuze inshingano zawe.

Isengesho no kwizera biragendana, rero uko usengera iyo modoka, iyo nyubako, ayo masezerano cyangwa urwo rushako, ujye ugenzura neza ko uri gukoresha Ukwizera kw'Imanaibyo bizaha umutekano ibyo uri gusengera. Isengesho rizana umuhuro ukomeye n'Umwuka w'Imana, rero itegure ko Imana iri bukuvgishe m mwanya wawe wo gusenga.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Iyo nsenze, Ijuru rirasubiza. Mpagaze mu rugabano rw'ubumana n'ibigaragarira abantu kandi nkoresha imbaraga n'ubutware mu isengesho mu Izina Rikomeye rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Daniyeli 6:10

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Abagataliya 4-6



**1 Abakorinto 15:4**

**Agahambwa akazuka ku muni wa gatatu nk'uko byari byaranditswe na none.**

Nubwo hariho guhakana no kujya impaka kuri kamere y'ubumana ye, Yesu yari akeneye iminsi itatu yonyine kugira ngo ahamirize abahakana-ga n'abanegura ko yari Imana yigize umuntu; iminsi itatu yari ihagije ngo yer-ekane itandukaniro hagati y'ubumana bwe no kuba umuntu, kandi yabikoze mu buryo buhambaye!

Ibitangaza byose byakozwe na Yesu ntibyari bihagije abahakanaga iby'umunsi we kugeza ubwo yabamb-we, agapfa, agahambwa, maze aka-zuka, byose mu minsi itatu; maze babo-na kwizera ko ari Mesiya koko.

Yesu yazamuye urwego hejuru cyane. Kugenzura uwo yari We koko ni ikintu kitari cyarakozwe mbere. Umuntu yapfa, undi muntu akamuzura mu bapfuye, ariko nta muntu wari warigeze kwizura mu bapfuye we ubwe!

Abakristu benshi ntibaharanira ibihambaye bityo bagatsindwa; baha-ranira ibiciriritse akaba ari byo babona! Wige kugira intego ziri heju-ru mu buzima. Haranira ibihambaye mu muryango wawe, umurimo w'Imana, abana, amafaranga no mu mishinga. Imana irahagije, ni Imana y'ikirenga n'umwuzuro. Uyizere kandi byose izabisohozza!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mparanira ibihambaye kugira ngo nsingire ibihembo by'umu-hamagaro wanjye. Muri ibi, nzatsinda! Amen.**

### **IBINDI BYANDITSE**

Hozeya 6:2

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Ibyakozwe n'intumwa 17



**Yohana 1:1**

**Mbere na mbere hariho Jambo; Jambo uwo yahoranye n'Imana kandi Jambo yari Imana.**

Buri gitangaza gishingiye ku Ijambo ry'Imana! Iyo tubwiriza Ijambo ry'Imana, si ukugira ngo tubwirize gusa ahubwo ni ukugira ngo twerekane imbaraga z'Ijambo ry'Imana.

Satani ntiyakwitwa umwanzi w'Imana kuko Imana irahambaye. Nta banzi igira, nk'uko umwanditsi wa Zaburi yabivuze neza muri Zaburi 110:1, "Uwituka yabwiye Umwami wanjye ati "Icara iburyo bwanjye, Ugeze aho nzashyirira abanzi bawe muni y'ibirenge byawe." Tekereza Imana ihambaye mu bumana bwayo kugira satani muto nk'umwanzi wayo! Igihe habaye intambara mu Ijuru, Imana yari icyicaye ku ntebe yayo ubwo Mikayeli n'abandi

bamarayika baryanaga na satani.

Ukorera Imana ihambaye ishobora kuguha imigisha ihambaye! Biri kuba aka kanya, nubu uri gusoma iyi nyigisho ya gihanuzi uyu muni! Imana yavuze, kandi niko biri. Yaravuze, "habeho urumuri!" biba bityo. Bityo, ndatura ubutunzi ku buzima bwawe uyu muni! Ubone uburyohe bw'amata n'ubuki none aha, mu Izina rya Yesu Rikomeye, amen!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nkora ibyo Ijambo rimbwira. Umunezero wanjye uturuka mu Ijambo kuko nziko Ijambo rikora! Nkomera ku Ijambo, kandi ngarukana ubuhamya! Himbaza Umwami! Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

1 Yohana 1:1-2

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1&2 Abatesalonike

**Zaburi 42:1**

**Nk'uko imparakazi yahagizwa no kwifuza imigezi, Ni ko umutima wanjye wahagizwa no kukwifuza Mana.**

Urwego ugezeho rushobora kubarwa mu rugero rwiza cyangwa urubi mu isi y'umwuka. Hahora haduka ikoranabuhanga rishya, kandi satani ari gukoresha bimwe muri iryo koranabuhanga kugira ngo agaragaze kandi ashyigikire imigambi ye. Rero, muri iyi minsi ya nyuma, ukwiye kugira inzara y'iby'Imana.

Inzara ifatanye no guhozaho. icyifuzo cyawe cya buri munsu kigomba kuba Mana, twara byose; ariko umpe inzara! Ibyo ushonjeye nibyo bigena ubuziranenge bw'inzara yawe. Inzara y'iby'Imana, inzara y'umurimo w'Imana, inzara yo kuzana ubugingo kuri Kristo.

Ikintu cyose wirinda, ikigiraho ububasha. Iyo inzara y'iby'umwuka muri wowe ibaye nyinshi, uba umuntu w'umurimo n'umuntu w'intambara!

Kura urugamba mu isi igaragara uyijyane mu isi y'umwuka. Ntukarambirwe mu buzima bwawe bwo gusenga no mu nshingano zawe mu murimo w'Imana. Ba umufatanyabikorwa ukora muri buri kimwe Imana iri gukora mmuri iyi minsi yanyuma, kandi intsinzi yawe uzajya ahagaragara bose bayibone!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ishyaka ry'Imana riranyuzuye kandi nihaye Yesu wese. Ubuzima bwanjye muri Kristo bwusuye umunezero n'amahoro. Nzakomeza gutanga ubuhamya mu Izina rya Yesu Rikomeye! Amen!**

### IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 119:20

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Ibyakozwe n'intumwa 18-19



### 1 Abakorinto 5:4

kandi ubwo nari nteraniye hamwe namwe mu mutima wanjye dufite ububasha bw'Umwami wacu Yesu, nahawe ubutware na we.

Subiramo ibi ubyibwira aho uri hose aka kanya: Navutse ku Mana; nanesheje isi. Imvugo yanjye yanesheje ibitekerezo bya satani. Ubuzima bwanjye muri Kristo ni bwiza cyane. Gukena biri kure yanjye. Ndi umutsinzi, sindi uwibasirwa, kandi mbaho ubuzima bwuzuyemo imigisha ihoraho! Imana ishimwe!

Urabona, Bibiliya si igitabo cy'idini. Ni ukuri kw'ubuzima bwawe. Nicyo gituma mvuga wishime; Ijambo rirakora! Ubuzima bwawe bugomba kwereka ukuri kw'imigisha yawe ihoraho muri Kristo. Impyiko zawe zigomba gukora neza. Umutima wawe ugomba gutera

neza. Amaso yawe agomba kubona neza; ntibyaremewe kurwara. Buri rugingo rwumubiri wawe rugomba kumvira Ijambo ry'Imana. Ubucuruzi bwawe bugomba gutera imbere. Amafaranga agomba kuza kuri wowe uko uyategeka. Ubukene si wo murage uhabwa n'Imana.

Inkuru Nziza twigisha ukuvana mu bukene ikakujyana m butunzi. Kuba byonyine uri gusoma iyi nyigisho uyu muni bivuze ko hari ikintu cyiza kiri kuba ku bwawe. Urabona impinduka ishimishije uyu muni, rero ishime!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nabyawe n'Imana, kandi sinatsindwa. Ndi umutsinzi, kuko gutsinda aribwo nkora. Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

1 Yohana 4:4

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abakorinto 1-4



**Imigani 10:15**

**Ubutunzi bw'umukire bumubera umudugudu ukomeye, Ibitsemba abatindi ni ubukene bwabo.**

Abantu benshi, by'umwihariko Abakristo, bakunze kugira imyumvire itandukanye iyo bigeze ku mafaranga n'ubutunzi. Gerageza kumva ko ubukene ari intwaro! Ubukene buza kwica abantu, ariko iyo ubukene buje ku bakire, abakire bakoresha amafaranga yabo nk'uburyo bwo kwirinda no kwikingira. Ariko, iyo ubwo bukene buje ku bakene, nta mafaranga baba bafite yo gukoresha nk'ubwirinzi; bityo, ingaruka zikavuka.

Abakristo bamwe baracyakora ikosa ryo gusanisha ubukene no guca bugufi n'ubuzima busabiriza nk'umugenzo kwegera Imana. Ibi si ibinyima gusa ahubwo bigira ingaruka, kuko kubura

amafaranga bishobora no kukwegereza urufu!

Nk'umukristo, gira imitekerereze n'ubushobozi bwo kubona amafaranga yo gukoresha mu guteza imbere Ubwami ndetse no mu kwirinda ibitero ubukene bwagaba ku muryango wawe, ku rushako, itorero n'umujiyi. Amafaranga agha umwanya wogusenga Imana. Rero, itegure guhangana n'umwanzi bitari mu masengesho yonyine ahubwo no mu butunzi kugira ngo uzane impinduka muri iki gihe cya nyuma mu Izina rya Yesu!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nanze imbibi zishyirwaho n'ubukene. Nizengurukije nyewe n'umuryango wanjye amafaranga nk'umurinzi. Nakiriye umwuzuro wo gushyigikira Ubwami. Amafaranga yanjye ahawe umugisha, kandi ngendera mu butunzi no kugemurirwa n'Imana. Amen!**

### IBINDI BYANDITSWE

Imigani 18:11

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abakorinto 5-8

**Abafilipi 3:13-14**

**Bene Data, sinibwira yuko maze kugifata, ariko kimwe cyo nibagirwa ibiri inyuma, ngasingira ibiri imbere, ndamaranira kugera aho dutangurana, ngo mpabwe ingororano zo guhamagara kw'Imana muri Kristo Yesu kwavuye mu ijuru.**

Ikintu kimwe kibuzza ubwoko bw'Imana kubona ibisubizo bifatika nuko bananirwa kurekura ibyahise ngo bakomeze imbere. Iki gikoresho Satani akoresha kimwemerera kugumisha umuntu mu gihe cyuzuyemo ibya kera - ibyiza, ibibi, ibisa nabi, yego nibyo, si ibibi gusa bituma ibya kera bigira ingaruka; n'ibyiza nabyo. Ndabisobanura.

Wigeze uhura n'abantu birata ibyagazweho kera byahise? Bazavuga ibintu nka, "Nigeze kuba umuntu ukomeye!" cyangwa "Natsinze ibintu ibi n'ibi

kandi hashize imyaka makumyabiri." Ibyo ni iki? Ni ahahise hakora ibyo hashinzwe gukora neza, hakugumisha ahantu hamwe ukananirwa kujya imbere!

Kuva uyumunsi, anga guhigwa n'amakosa wakoze kera cyangwa ibyo wagezeho kera cyane. Kora ibirenzeho ubu! Hari igihembo kinini imbere, ariko banza wibagirwe ibyahise!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Amateka yanjye ari aho abarizwa – mu hahise! Kuva uyu munsi, nzagera kuri byinshi birenze ibyo nagezeho, ikibi cyo kiva mu hahise hanjye ntikizagira umwanya mu hazaza hanjye mu izina rya Yesu! Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 43:18

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: 1 Abakorinto 9-11

**1 Timothy 3:15 (KJV)**

**But if I tarry long, that thou mayest know how thou oughtest to behave thyself in the house of God, which is the church of the living God, the pillar and ground of the truth.**

umurongo dutangiranye uyu munsu ugaragaza ko imyitwarire itandukanye tugomba kugira mu nzu y'Imana. Ni umurongo ugomba gukurikizwa n'Abakristo bose. Urabona, twitwaga Abami n'abatambyi, bityo, duhamagarirwa kugenda mu buryo bwerekana icyubahiro duha ukubaho kw'Imana yacu dufite muri twe kandi duhagararaye.

Bavandimwe, uko ujya mu Mana byimbitse, niko ugenda ubuzwa kugira imyitwarire mibi. Urekerako aho kuba umuntu wari usanzwe uri-ukaba umuntu mwiza

kurushaho! Muri ako kanya, umenya ko ibikorwa wakoraga bitakikunzeje, uhita umenya ko imyambarire yawe mu rusengeru idakwiye, uhita umenya ko uburyo uvugishamo abandi atari bwiza-ni umurongo ngenderwaho, agaciro kanzwa no guhabwa izina nk'irya Yesu.

Guhera uyu munsu, uharanire gukora neza birushijehoiyi bigeze k'ukowitwira n'uko ugaragaza Kristo ku bandi.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nk'Umwami n'Umutambyi w'Imana Isumbabyose, natuye kugira icyerekezo gishya. Nzahagararira Kristo mu buryo bwiza kurushaho aho ndi hose, haleluya!**

**IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 1:9

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: 1 Abakorinto 12-14



**Yohana 14:15**

**Nimunkunda muzitondera amategeko yanjye.**

Urikundo ntabwo rugoye nk'uko abantu babitekereza. Mu magambo yoroshye, ni ugushyigikira amaran-gamutima ugaragaza mu magambo ukoresheje ibikorwa byawe.

Iyo bije ku Mana, igihamya ko uyifitiye urukundo ni ugukora Ijambo ryayo, niko kugaragaza urukundo rwayo, kamere yayo. Ubuzima bwayo na kamere yayo biri muri wowe – gukiranuka kwayo kuri muri wowe – ntibituma gusa ushobora kubaho ubuzima bukiranutse ahubwo ububamo bikoroheye.

Ushobora kunezeza Imana buri muni bitakugoye. Beshi batekereza ko iyo uririmbye indirimbo nziza yo kuramya

n'umutima wawe wose ukaniyiriza, ukarira kandi ukumva amaran-gamutima muri wowe, ko uba weretse Imana urukundo. Igihimya, dushingiye ku Ijambo ry'Imana, ni – kubaho Ijambo ry'Imana; nicyo gihamya ko urukundo uyifitiye by'ukuri!

Ngaho genda ubeho nk'uko Ijambo n'amaserano y'Imana avuga uyu muni. Nicyo gihamya cyonyine ko uyikunda!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nkurikiza Ijambo ryose ryatanzwe n'Umwami Imana Yeho va nk'Igihamya cy'urukundo mukunda. Amategeko yayo ni ubuzima kuri njye, mpawe umugisha kuko mfite izina rimwe nk'Iryayo! Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

2 Yohana 16

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abakorinto 15-16

**Zaburi 16:11**

**Uzamenyesha inzira y'ubugingo, Imbere yawe ni ho hari ibyishimo byuzuye, Mu kuboko kwawe kw'iburyo hari ibinezeza iteka ryose.**

Ubukristo ntiburambiranye. Bitandukanye n'ibyo isi itekereza – umubano n'Imana nturambirana!

Ongera usome neza icyanditswe cyo haruguru. Kivuga ko mu kubaho kw'Imana, uyoborwa mu nzira yose ugenderamo – nta makossa uhura nayo. Kandi ntibihagarikira aho gusa! Harimo umunezero wuzuye n'ibinezeza iteka ryose! Mbwira, ni gute umubano n'Imana wakurambira ukanakubihira? Ni gute wakwisanga mu kivunge cy'abantu bashakira ibinezeza bwo mu isi? Ibagirwa ibinezeza byaremwe n'abantu biri muri ubu buzima bishira

kandi bikazana no kwicuza kw'inshi. Ukubaho kw'Imana kukuzanira ibinezeza byinshi – ubuzima burimo uburyohe, buzira imihangayiko!

Uhereye uyu mwanya, uhe umwanya wa mbere ubusabane bwawe n'Imana. Wige Ijambo ry'Imana ushyizeho umwete. Ushyire ku ruhande umwanya wo gusenga buri munsu kandi uzabona ibinezeza iteka ryose muri ibi bihe bya Noheli n'ibindi byose!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mbaho ubuzima buryohereye cyane! Kwigunga, guhangayika, gukena no kwibeshya ntibiri Kandi ntibizaba mu buzima bwanjye mu Izina rya Yesu! Amen**

**IBINDI BYANDITSWE**

Yobu 36:11

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: 2 Abakorinto 1-4



**1 Petero 2:9**

**Ariko mwebweho muri ubwoko bwatoranijwe, abatambyi b'ubwami, ishyanga ryera n'abantu Imana yaronse, kugira ngo mwamamaze ishimwe ry'iyabahamagaye, ikabakura mu mwijima ikabageza mu mucyo wayo w'itangaza.**

Mbega umurungo ukomeye, Himbaza Imana! Ese bavandimwe murabona neza icyo ibi bivuze? Reka tubisobanure: Imana yaje kugushaka by'umwihariko, mu izina ryawe, igusanga mu mwijima maze igukura ahantu h'umwijiya wari ukuzengurutse igukurura kuri Yo – mu mucyo wayo! Oh, mbega Ubuntu!

Ese ni gute wakwitwara nk'abandi bose kandi umwijiya waririkwamwe muri wowe? Ni gute uburwayi bwatura muri wowe, kandi uri kuba mu rumuri

rw'Imana rutangaje? Ntukifatanye n'isi mu bikorwa bitarimo kwizera. Wari wumva abantu bakoresha imvugo zimenyerewe 'ndacyeye?' Ubwo baba bakiri mu mwijima, sibo baba bacyeye, ahubwo nitwe! Umuntu wese wakiriye Umwami Yesu kristo yavuye mu mwijima ubu aba mu mucyo w'Imana.

Wahamagariye kwerekana no gusakaza mu isi uwo mucyo wakuye muri Kristo! Bikore uyu munsu!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mbaho mu mucyo uhebuje w'Imana Kandi ibyo bingira ikiremwa kihariye. Uyu munsu ni uwanjye wi gutsinda no kutemera ikintu cyose kitari INSTINZI! Amen.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abafilipi 2:15-16

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: 2 Abakorinto 5-9



**Abaheburayo 1: 7**

Iby'abamarayika yarabivuze iti "Ihindura abamarayika bayo imiyaga, N'abagaragu bayo ibahindura ibirimi by'umuriro."

Hariho urwego ugeraho nk'umukristo aho uba utagitegeka umuriro ngo umanuka; ahubwo UKURURA UMURIRO, kandi UBA umuriro!

Wigeze ubona imyenda, ibikoresho cyangwa ibintu byanditseho ko bikongezwa? Iyo ubirebye, bigaragara nk'aho nta kibazo biteye. Ntanubwo utekereza kabiri ko bishobora guteza ibyago – ukibibona bwa mbere bigaragaza umutuzo. Imiterere nyayo y'iyi myenda igaragara igihe ihuye n'ikibatsi gito cy'umuriro. Ikongezwa n'umuriro vuba kurusha uko ushobora kuyizimya!

Iyi niyo miterere nyayo y'umukozi w'Imana. Wagizwe ibirimi by'umuriro! Igihe wabyukaga muri iki gitondo ukireba mu ndorerwamo, ushobora kuba wasaga nkaho nta kibazo uteje, ariko iyo bikenewe, uhinduka umuriro; ntushobora guhagarikwa rwose!

